



GUKINA BIRARANGIYE

*Iyo baba abanyabwenge, baba bitaye
kw'iherezho ryabo (2 Gutegeka 32 : 29)*




Nyakamwe Christine



BIRARANGIYE

Iyobabaabanyabwenge, bababitayekw'iherezo
ryabo (2 Gutegeka 32 : 29)



Nyakamuwe Christine



IBIRIMO

Igice cya I	5
1.1 ijambo ry'ibnaze.....	5
1.2 Gushimira.....	11
1.3 Iriburiro.....	12
Igice cya II: Ubutumwa bw'Imana.....	19
Igice cya III: Umwanzuro.....	74

IJAMBO RY'IBANZE



Imana iri mw'Ijuru yaritegereje isanga twebwe abana b'abantu turiho dukina n'ubuzima kuko dusa n'abatazi impamvu nyakuri yatumye Imana iturema. Imana yaturemeye gusa na yo, kugirango tubane nayo iteka ryose, gutyo tuzahabwe ubugingo buhoraho. Ibi turabisanga mw'**Itangiriro 1 : 26** aho Imana ivuga iti : "Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe ". Ishusho ye, Imana yaturemanye ntabwo ari uburanga bw'umubiri, ahubwo ni ubw'umutima. Imana yari yaturemanye umutima nk'ubwayo nk'uko tubisanga mw'**Itangiriro 2:7** "Uwiteka arema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru Umwuka w'ubugingo " Umwuka we Wera ni wo yamuhumekeyemo ari yo twita Roho mutagatifu. Iyo Roho y'Imana ni yo irimo ibitekerezo by'Imana. N'ukuvuga ko Imana, umuntu yamuremanye ibitekerezo bye. Kandi ibitekerezo by'Imana, bishingiye ku rukundo kuko Imana ni urukundo. Nyamara, umuntu yaje gutakaza ishusho yari yararemanywe ku bw'icyaha cya Adamu na Eva cyo kwipfuzwa kuba nk'Imana. Kwipfuzwa kwatumye umuzi wo kwikunda ushinga imizi mu mitima yabo. Nuko ibitekerezo bishingiye ku rukundo byabavuyemo, binjirwamo n'ibitekerezo bishingiye ku kwikunda. Ibi bitekerezo byo kwikunda ni byo rero twese tuvukana ku bwo gukomoka kuri Adamu na Eva. Musome cya gitabo nise ngo : **"Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana "** ni ho mumenya neza uko byagenze . Ku bwo kwikunda, duhoza imitima ku by'isi binezereza imibiri yacu, iby'ijuru ntitubytayeho. Ijambo ry'Imana muri **1 Abakorinto 10 : 7**



riratubwira riti: “Abantu bicazwa no kurya no kunywa bagahagurutswe no gukina”. Ibishimisha imibiri yacu ni byo bidushishikaje, ni byo byadutwaye umutima twibagirwa Imana, twibagirwa n’icyo yaturemeye. Yaturemeye gukundana, ariko twebwe tukangana. Kandi uko iminsi igenda, ni ko urukundo rukonja mu bantu. Muri **2 Timoteyo 3 : 1-5**, Ijambo ry’Imana riratubwira riti : “Umenye yuko mu minsi y’imperuka hazaza ibihe birusha kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impyi,bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana “.

Ibi bihe ni byo tugezemo, tugeze mu minsi y’imperuka irangwa n’ubugome bukabije ku bw’irari ry’iby’isi riri kuduteza umururumba tugahinduka ba mpemuke-ndamuke. Ubujura, ubwicanyi, ububeshyi, ubusambanyi..., ibi byose, biri gufata intera ikomeye uko iminsi igenda isatira ukugaruka k’Umwami wacu Yesu- Kristo.

Iyi kamere muntu yo kwikunda, ni yo yatumye Umwami wacu Yesu-Kristo ava mw’ijuru akaza mw’isi kugirango aduhindure, dusubirane ishusho ya Data y’urukundo. Ikiri kubabaza Imana by’indengakamere, n’uko n’abitwa abakizwa bahamagawe n’Umwami wacu Yesu- Kristo, abenshi baretse rwa rukundo rwabo rwa mbere bakunda Imana n’abantu, basubira kuba ba bandi ba kera abana ba Satani barangwa no guhoza imitima yabo ku by’isi. Mwirinde mugendane ubwenge, muve mu miteto no mu bitagira umumaro, kuko Itorero rya Kristo ryaratewe, riterwa n’abakozi ba Satani bitwaza Bibiliya. Nyamara iryo Jambo ry’Imana bitwaza si ryo bigisha, bigisha ibijanye n’irari ryabo kuko imana yabo ni inda, ni na yo bari ho bakundisha abantu bose.

Abo ni ba bahanuzi b’ibinyoma Yesu yavuga muri **Matayo 24:11**, n’abungere b’ibihembo Umwami Yesu yavuze muri **Yohana 10**, ndetse n’abigisha b’ibinyoma Intumwa ya Yesu **Petero** yavuzeho mw’ibaruwa rye rya **2 mu gice cya 2 kuva ku murongo wa 1**, aho yavuga ati: “NK’uko abahanuzi b’ibinyoma badutse, ni ko n’abigisha b’ibinyoma na bo bagwiraye. Abo ngabo, ingeso mbi zabo z’isoni nke benshi bazazikurikiza batukishe inzira y’ukuri. Kandi irari ryabo rizabatera gushaka indamu muri mwe bababwiye amagambo y’amahimbano, ariko iteka baciriwe ho uhereye kera ntirizatinda, no kurimbuka kwabo ntiguhunikira “.

Kandi, icyo tugomba kumenya neza, ni uko abazakurikira abantu



nk'abo, bazarimbukana na bo nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri icyo gicye nyine ku murongo wa **9-10** riti : "Umwami Imana izi gukiza abayubaha ibibagerageza, no kurindira abakiranirwa kugeza ku munsu w'amateka ngo bahanwe, ariko cyane cyane abagenda bakurikiza kamere, bamazwe no kurarikira ibyonona bagasuzugura gutegekwa ".

Dusabwe kurekeraho kwigira injiji zitazi ubwenge, dupfa gukurikira abiyita abakozi b'Imana kandi bagambiriye kutuyobya ku bw'inyungu zabo. Twirinde. Mu **Befeso 5 : 6,15**, Ijambo ry'Imana riratwihanangiriza muri ano magambo riti: " Ntihakagire umuntu ubohesha amagambo y'ubusa, kuko ibyo ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira. Ntimugafatanye na bo kuko kera mwari umwijima, mukaba muri umucyo mu Mwami wacu. Nuko, mwirinde uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge. Ntimukigire abapfu, ahubwo mushakashake ibyo Umwami wacu ashaka".

Mu **Baheburayo 13 : 9**, Imana itugira inama muri aya magambo iti : " Ntimukayobwe n'inyigisho z'uburyo bw'inshya bw'inzaduka kuko ibyiza ari uko umutima wakomezwa n'Ubuntu bw'Imana, udakomezwa n'ibyokurya, kuko abitaye kuri ibyo bitabagiriye umumaro ".

Mu by'ukuri, nta cyo tuzireguza. Umwami wacu yaje yuzuye Ubuntu, ari na bwo ashaka kutwuzura twese kugirango duhinduke tuve muri kamere yo kwikunda ihora idusunikira mw'irari, noneho tuvuke ubwa kabiri, dusubirane ishusho ya Data ari rwo rukundo. Ariko noneho ha kwuzura ubwo buntu bw'Imana buduhesha ubugingo buhoraho, abenshi bahisemo kwuzura inda zabo zizarimbuka. Intumwa ya Yesu -Kristo Pawulo ni we wabwiye Abakorinto ati : " Ibyokurya ni iby'inda, n'inda na yo ni iby'ibyokurya, nyamara Imana izabitsema byose ".

1 Abakorinto 6 : 12 -13

Ubuntu bw'Imana twarabusobanuye mu buryo burambuye muri cya gitabo cyitwa ngo : "**Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana**" ko bugizwe n'ibintu 3 bikomoka ku Mana yonyine : Ijambo ry'Imana, imbabazi z'Imana zibonerwa mu Maraso ya Yesu-Kristo, n'Imbaraga z'Imana ari wo Mwuka Wera.

Twarasobanuye mu buryo burambuye ingene Ijambo ry'Imana



ari ingenzi kuko ni ryo riturehereza gusaba imbabazi z' ibyaha twakoze **2 Timoteyo 3 : 15- 17**, kandi iyo turifite tukaryitondera, Imana iduha umufasha ari wo Mwuka Wera. **Yohana 14 : 15** Ijambo ry'Imana navuga ko rihebuje kuko ni ryo ritumenyesha ibitekerezo by'Imana. Iyo rero twize Ijambo ry'Imana, tukarisobanukirwa, tukaribika mu mitima yacu ku bwo guhora turitekerezaho, dusanga bya bitekerezo bibi byo kwikunda byatuvuyemo dusigaye twuzuye ibitekerezo by'Imana bishingiye ku rukundo. Uko ni ko gukizwa, ni ko kuvuka ubwa kabiri, ni ko guhinduka abana b'Imana basa na Se, ni ko kubona ubugingo buhoraho.

Nyamara buri wese hano agomba gusobanukirwa n'ubugingo buhoraho ubwari bwo. Buriya, umuntu agizwe n'ibice bitatu :

1)Umwuka (Esprit) : Ni ho habera ubusabane bwacu n'Imana, amahishurirwa, n'umutima nama.

2)Roho ari wo mutima : Mu mutima harimo ubushake, ubwenge, ibitekerezo, amarangamutima.

3)Umubiri

Nitwapfa, Umwuka uzasubira kwa nyira wo ari we Mana. Umutima ni wo uzajya imbere y'intebe y'Imana gucibwa urubanza, umubiri na wo uzabura. Mu bigize umutima, ibitekerezo byacu, ni ikintu gikomeye kuko ni byo bitegeka kandi bigakuzza ubushake n'ubwenge. Ibitekerezo byacu, ni byo noneho bizazamuka imbere y'Imana gucibwa urubanza. Kugirango tuzabane n'Imana, tugomba kuzaseruka imbere ye dusa na Yo, ni ukuvuga ko tugomba kuba dufite ibitekerezo nk'ibye. Bibiliya itubwira ngo abafite ibyo byiringiro byo kuzaza mw'Ijuru, biboneze nk'uko uwo aboneye. Ikongera ikatubwira ngo tugire umutima nk'uwari muri Yesu-Kristo. Ni ukuvuga ko tugomba kugira ibitekerezo nk'ibiri muri Yesu-Kristo kuko niyerekanwa tuzasa nawe. **1 Yohana : 1-3.** Utazaba asa na we, ntabwo azabona ijuru. Kandi, nta handi tuzaba dusa, ni mu bitekerezo.

Rero, kubona ubugingo buhoraho, ni ukugira muri wowe



ibitekerezo bizahoraho iteka ryose. Kandi ibitekerezo bizahoraho ni ibitekerezo by'urukundo gusa kuko byose bizashira kiretse urukundo nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **1 Abakorinto 13 : 8 -10** riti : "Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura bizarangizwa no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo, ubwenge na bwo buzakurwaho kuko tumenyaho igice kandi duhanuraho igice, ariko ubwo igishyitse rwose kizasohora, bya bindi bidashyitse bizakurwaho ".

Ni cyo gituma Imana itubwira iti : "Ntimukagire umwenda wose keretse gukundana, kuko ukunda undi aba ashohoje amategeko, kuko ibi ngo : Ntugasambane, ntukice, ntukibe, ntukifuze n'andi mategeko yose, bihurira muri iri Jambo ngo: Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda. Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi , ni cyo gituma urukundo ari rwo rusohozwa amategeko yose. **Abaroma 13: 8-10**. Murumva rero ko ufite urukundo ni uwera, ntakora ibyaha, ni we mwana w'Imana usa na Se kuko Imana ni urukundo. Ibitekerezo bye byose n'imigambi ye yose, bishingiye ku rukundo.

Ijambo ry'Imana muri **1 Yohana 4 : 7 - 8** rirabitubwira neza riti: "Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana kandi azi Imana. Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo".

Nukuri, ndabinginze turekere aho gukina n'ibidakinishwa. Kuko abantu benshi, ha gufata umwanya wo gusoma Ijambo ry'Imana no kurisobanukirwa, niba ari ubunebwe, niba ari ishyamba rike, niba ari ukudakunda gusoma, niba ari ukutamenya umumaro w'Ijambo ry'Imana, bari gutakaza imbabaraga zabo inyuma y'abahanuzi b'ibinyoma n'abavugabutumwa bavugaga ibijyanye n'irari ryabo bakabanduza. Abo babeshi bari kuroga imitima yanyu, mwirinde !

Imana yaraturebye tuyitera agahinda kuko turi kugenda nk'intama zitagira umwungeri. Hari abari kugenda basinziriye kuko imitima yabo yavuye ku Mana bakaba barayerekeje ku byo barariye, abandi bari kugenda bahumirije nk'impumyi kuko ata Jambo ribabamo ryo kubayobora. Ni kuri izo mpamvu zose, Imana yo ubwayo yafashe ingamba yo kuturutsa uburozi twariye mu kudukundisha Bibiliya no kuyidusobanurira,



ibinyujije mu nzira nyinshi harimo n'Ubutumwa bw'Ubuhanuzi bwe yampaye ngo mbagezeho. Kugeza ubu, ni ubutumwa 35.

Ubwo butumwa, Imana yagiye ibumpana n'imirongo ya Bibiliya kugirango nsobanukirwe kurusha n'ibyo ishaka kutwigisha. Nasanze, ku bwo kwumvira Imana ngasoma imirongo yose yagiye impa, sinasobanukiwe gusa ubutumwa yampaye, ahubwo byankundishije Bibiliya, binshyiramo n'ishaka ryo gusoma Ijambo ry'Imana, kandi nkumva uko nsoma ari ko nsobanukirwa kurusha. Nasanze kandi narajagajaze Bibiliya kuva mw'Itangiriro kugeza mu Byahishuwe. Kandi ikiruta byose, ubu butumwa bwaramfashije cyane guhinduka mu mitekerezeho yanjye no mu kumpa ubushobozi bwo gutegura inyigisho zibasha guhindura abandi. Ni yo mpamvu nafashe ingamba yo kubagezaho ubwo butumwa bw'Imana ntongereye kandi ntagabanije kugirango nimumara guhinduka muhindure abandi.

Ijambo ry'umutwe Imana yahaye ubwo butumwa bwose ni iri ngiri :

"NDASHAKA KO ABANTU BANJYE BAHINDUKA RWOSE BAHINDUWE NANJYE KUGIRANGO BABONE UKO BAHINDURA ABANDI"

Si njye nivuga hano ni Yesu-Kristo. Arashaka ko duhindurwa na we, kandi ni we Jambo ry'Imana. Imana irashaka rero ko duhinduka duhinduwe n'Ijambo rye. Irareba igasanga hari benshi bari guhindurwa n'amagambo y'ibinyoma, abandi bari guhindurwa n'ibihe, abandi bagahindurwa n'ibigazweho, abandi bagahindurwa n'ab'iki gihe, abandi bahinduwe n'ibigeragezo, n'ibindi n'ibindi. Imana ishaka kutwishushanyaho ikoresheje Ijambo ryayo. Igambiriye kurangiza imikino turimo kugirango tutazatahukana zero tukarimbuka. Tugire umwete wo kumenya kugirango tumenyeshe abandi, Umwami Wacu ari bugufi, ndetse no kuva muri uyu mubiri biradusatiriye, tube maso kandi twirinde.



1.2. GUSHIMIRA

Ndashimira cyane cyane Umwami Imana, ku bw'imbabazi n'urukundo idukunda, rwatumye yicisha bugufi, akaza kuvugana n'ubwoko bwe, azanywe no kutuburira kugirango tutazarimbuka, ahubwo tuzabone ubugingo buhoraho. Ni iby'igicro kubona Imana ari yo ubwayo yihagurukiye kudukura mu mikino no mu burangare twibereyemo kugirango tugire ishyaka n'ubwenge byo kwita kw'iherezo ryacu, tutazarimbuka.

Buriya abantu benshi ntibashishikajwe no kuzagira iherezo ryiza, bashishikajwe no kuba abakire mw'isi, bashishikajwe n'inda zabo. Nyamara Umwami Yesu yaraturubwiye muri **Luka 12 : 15** ati : "Mwitonde kandi mwirinde kwifuza kwose, kuko ubugingo bw'umuntu butava mu bwinshi bw'ibintu bye". Ubugingo bw'umuntu ntibutangwa n'ubutunzi dufite kuko ntibugurwa amafanga, butangwa n'urukundo rutubamo. Ufite urukundo ntazashira, azahoraho iteka ryose. Ibi ni byo mu ncamake Imana yaje kutwigisha no kudusobanurira kugirango duhinduke abana b'ubwami bwa Data ari we Mana. Mu magambo make, dushimire Imana kuko yahagurukiye kudufasha kurengera ubugingo bwacu.

Nshimiye abakozi b'Imana bese banshyigikiye kugirango kino gitabo kibashe kujya ahabona. Kandi mbaye nshimiye abo bese bazagira uruhare mu kugisakaza hose kugirango gisomwe na benshi. Imana ibampere umugisha. Nshimiye Umuyobozi w'Itorero ryanjye ryitwa "Living World Church" rikorera i Kanombe, ndetse n'abakristo dusengana, kuko badasiba kuntera ingabo mu bitugu, kugira ngo umurimo Imana yampaye ujye imbere.

Nshimiye umuryango wanjye, umutware wanjye nkunda Ambassadeur Polisi Denis n'abana bacu bese bo batigeze bambangamira muri ino nzira y'Agakiza, ahubwo bamfashe mu mugongo bampa n'uburyo nkoresha mu murimo w'Imana. Imana izabibubukireho mu minsi mibi ibatabare, kandi ndasaba Imana iri mw'Ijuru kubahoza ku mutima wayo.

Nongeye gushimira Umubyeyi wacu, ari we Data wa twese



wo mw'Ijuru, kandi simbasha kumushimira uko bikwiriye, we utigera adutererana, ahubwo atubereye maso kugirango dukizwe tuzabashe kubana na we mw'Ijuru. Ashimishwa n'uko dukizwa kuko yishimira kuduha Ubwami bwe, ni cyo gituma atuburira ubutitsa atubwira ko Umwami Yesu ari bugufi bwo kuza gutwara Itorero rye, ndetse akanadufasha kumenya uburyo twamwitegura. Tube maso kandi dusenge ubutitsa.

1.3. IRIBURIRO

Iki gitabo nise ngo : ” **GUKINA BIRARANGIYE** “, sinavuga ko ari nyjwacyanditse, ni Imana yonyineyo mw'Ijuru yabikoze. Uruhare rwanjye ni ruto cyane. Kuko icyifuzo cyanjye, ni ukubagezaho mu buryo bwihariye ubutumwa bwose bw'ubuhanuzi Imana imaze kumpa kugirango mbutangarize abari mw'isi bose.

Ni cyo gituma uwo buzageraho wese ahamagariwe kubugeza ku bandi mu buryo ashoboye bwose, kandi akabugeza ku bo ashoboye kubagezaho bese. Iyo ni inshingano ya buri wese nk'uko Ijambo ry'Imana muri **Ezekiyeli 3 : 16-17** ribitubwira ngo : “ Mwana w'umuntu, nakugize umurinzi w'inzu ya Istraeli, nuko, wumve Ijambo ryo mu kanwa kanjye ubumvishe ibyo mbaburira. Nimbwira umunyabyaha nti : Gupfa ko uzapfa, nawe ntumuburire cyangwa ngo uvugane n'umunyabyaha umwihanangirize kuva mu nzira ye mbi ngo ukize ubugingo bwe, uwo munyabyaha azapfira mu byaha bye, ariko ni wowe nzabaza amaraso ye. Ariko nuburira umunyabyaha ntawe mu byaha bye cyangwa mu nzira ye mbi, azapfira mu byaha bye, ariko wowe uzaba ukijije ubugingo bwawe “.

Ubu butumwa rero si ubwo kwihererana, ni ubwo gusangira n'abandi. Buri wese agomba kwumva neza ko atarinze ubugingo bwe gusa, ahubwo agomba kurinda n'ubw'abandi. Umuntu ntagomba gushishikazwa n'ubugingo bwe gusa, n'ubw'abandi arabushinzwe. Ubu butumwa rero ni ubwo gusakaza hose kuko ubwa mbere, buturuka mu kanwa k'Uwiteka Imana yacu, ubwa kabiri, ni ubutumwa buduhamagarira kwitegurira Umwami wacu Yesu – Kristo kuko ari bugufi nk'uko Imana yabigaragaje mu



magambo yatubwiye. Ubu butumwa, ni ubwo kuduhamagarira kwihana ibyaha, no gusa na Yesu- Kristo. Kuko nk'uko twari twabivuze mw'Ijambo ry'Ibanze, ngo niyerekanwa tuzasa na we.

Utazaba asa na we, ntazazamukana na we mw'Ijuru. Kandi, dusa mu bitekerezo ntidusa ku mubiri. Ibyo bitekerezo bye byiza tubihabwa no kwitaho Ijambo rye, tukaryumva tukarisobanukirwa tukaribika mu mitima yacu, kandi tukaryumvira. Ni ho rizadukuramo ibitekerezo bibi bya kamere byo kwikunda, tukagira ibitekerezo bizima bishingiye ku rukundo nyakuri. Imana ni urukundo. icyo igambiriye mu gukomeza kutwigisha Ijambo ryayo ni ukugirango natwe turangwe n'urukundo kuko umuntu wese utagira urukundo ntazagera mu Bwami bwa Data. Iki ni cyo cyatumye ubutumwa bwose yampaye abumpana n'ibice bya Bibiliya tugomba kwisomera atari ukugirango dusobanukirwe neza n'ibyo ashaka kutubwira gusa, ahubwo ashaka no kudukundisha Ijambo ryayo. Mu byukuri, iyo wemeye gusoma ubwo butumwa ukagenda ufata umwanya wo gusoma ibyo bice byose bya Bibiliya Imana idusaba gusoma, usanga Bibiliya nka yose warayisomye. Nasanze ari Imana yo ubwayo yahagurukiye kutwigisha Ijambo ryayo. .

Guhabwa n'Imana buno butumwa, ntabwo ari ibintu byapfuye kungwirira, nta n'ubwo ari impanuka. Byaturutse ku mutwaro yabonye mfite, n'umubabaro ntwara muri njye wo kubona hari abantu badakizwa kubera kutamenya bakazahava amaherezo barimbuka. Uwu mutwaro nawutewe n'impinduka zambayeho maze kwakira Yesu-Kristo, nkagira amahoro, umutima wanjye ukaruhuka nari nararushe kugeza aho nsigara nipfuza gupfa. Umwami wanjye Yesu -Kristo yampaye amahoro, umunezero n'umutuzo wo mu mutima bitemba nk'uruzi. icyo nipfuza n'icyo mparanira mu minsi nsigaje yo kubaho muri ino si, ni ukugirango buri wese amenye Yesu-Kristo nk'Umwami n'umukiza we, na we amwakire amuruhure nk'uko yanduhuye. Abantu benshi muri ino si bararushe kandi ntibazi ko Yesu-Kristo ari we wenyine ushobora kubaruhura. Umwami Yesu muri **Matayo 11 : 28**, yaraturubwiye ati : " Mwese abarushe n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura ". Yavuze ngo mwese, nta n'umwe yakuyemo. Ni cyo



gituma, kubera ko yanduhuye ku bwo kunyiyegereza, nanjye, mfite inshingano zo kumwegereza benshi kugirango na bo babone uburuhukiro bw'imitima yabo. Noneho babashe kubaho muri ino si bishimye, nibanarangiza runo rugendo, bazarurangize neza.

Rimwe mu magambo Imana yambwiye nkimara kwatura ibyaha byanjye, yarambwiye ngo : “ Kuva uno muni umbereye incuti, kandi incuti ikugeza ku yindi “. Mu byampagurukije n'iri Jambo ririmo. Mfite rero inshingano zo kuranga Yesu – Kristo kugirango mushingire abageni benshi. Pawulo ni we wabwiye Abakorinto ati: “ Nabakwereye umugabo umwe ari we Kristo, kugirango mubashingire mumeze nk'umwari utunganye”. **2 Abakorinto 11 : 2** N'iri Jambo naryo ryangeze ku mutima, rinyumvisha ko umugeni wa Kristo wese ko akwiriye kumurehereza abandi bageni.

Ikindi cyanshizemo uwo mutwaro wo gukora ibishoboka byose kugirango abantu nka njye bakizwe, ni Ijambo Umwami Yesu yavuze muri **Luka 13 : 22- 24**. icyo gihe ngo yari mu nzira aja i Yerusalemu. Noneho umuntu aramwegera aramubaza ngo : **Mbese abakizwa ni bake ?** Umwami Yesu mu kumwishura ntabwo yamuhaye imibare, ariko mu nyishu yamuhaye, bigaragara ko abakizwa ari bake. Kuko yamubwiye ati : “ Mwihutire kunyura mu irembo rifunganye, kuko abenshi bazipfuzaga kurinyuramo bibananire. Nyirinzu namara guhaguruka agakinga urugi, namwe mugatangira kurukomangaho muhagaze hanze muvuga muti : Mwami, dukingurire, azabasubiza ati : Simbazi, sinzi n'aho muturutse..... ”

Birumvikana ko irembo rifunganye, ni yo nzira inyurwamo n'abakizwa kuko gukizwa bidusaba kureka gukoresha imibiri yacu ibiyinezeza, ahubwo tukayikoresha ibinezeza Imana. Gukizwa bidusaba rero kwiya no guhara ubuzima bwacu n'ubutunzi bwacu ku bwa Kristo, kugirango tubereho abandi na bo bamenye urukundo rw'Imana bayigarukire, bakire Yesu-Kristo noneho bihane ikibi n'igisa na cyo, bakizwe. Buriya, nta kintu kibabaza kuri ino si nko kubona urimbuka ubizi neza ko uri kurimbuka, ariko bikakunanira kuva mu byaha. Birababaje, kandi ntawe bitababaza afite umutima.

Ibi byose rero ni byo byanshyizemo uwo mutwaro w'abantu



badakijijwe, ngahora nsenga Imana nyigaragariza umubabaro mfite w'abantu badakijijwe. Kandi ikirushaho gutera agahinda, n'uko abenshi batareka gukizwa ku bushake bwabo, ahubwo, n' uko batigeze mu by'ukuri bamenya Agakiza, gukizwa icyari cyo n'uburyo bakizwa. Imana rero yaranyumviye, inyigishiriza muri ubu butumwa ngiye kubagezaho, kugirango namwe mwigishwe n'Uwiteka mubashe namwe kugenda mwigisha abandi. Kuko ndibuka kandi ko, njya guhaguruka gutangira kuvuga ubutumwa, Imana yarambwiye n'ijwi rikaze ngo: "Haguruka umvugire, namaze kukwambika imbaraga". Nashyubije Imana nti: Ko ntaramenya Bibiliya ni iki nzabwira abantu ? Imana iransubiza irambwira ngo: Ngiye kugutamika Bibiliya uyirye uyimare". Nasanze Imana yarayintamitse mu kumpa ubu butumwa ibumpana n'imirongo ya Bibiliya yo gusoma.

Byose rero byatangiye italiki 10/10/ 2007 aho Imana yambwiye ngo mbwire abantu ngo : "Gukina birarangiye, dore mpagaze ku musozi wa Siyoni ndavuzwa ifilimbi, (impanda). Mwa bana b'abantu mwe, ko nabahaye iby'isi byose ngo numererwe neza nababwiye ko ariyo maherezo?. Ko narushe nkabohereza Umwana wanjye ngo abereke uburyo muzangeraho, ariko ntacyo mwize. Ubu wowe, ambaza, wohereje umwana wawe kwiga akagenda agakina gusa, akakuzanira zero, wamererwa gute ? Dore mugiyeye kunzanira amazero. Ubwire abantu ngo kuva uno munsu, uwumva ijwi ryanjye ntiyinangire umutima, kandi abirirwa bampamagara ngo Databuja Databuja badakora ibyo mbabwira, ndabahakaniye."

Maze guhabwaubutumwa, narabusengeye, ndabutekerezaho cyane kugirango nanjye ubwanjye mbanze mbusobanukirweho neza. Nasanze Imana iri kutubwira ko tudakwiye gukomeza gukinisha ibyayo no kwigira ba sindabibazwa kuko impanda ya Kristo iri hafi kuvuga ngo Itorero rye rizamuke mw'Ijuru. Nakomeje kandi gukomeza kwibaza niba koko twebwe abantu turiho twitegurira by'ukuri gusanganira Umwami wacu Yesu-Kristo. Nababajwe n'uko mu by'ukuri, umubare w'abamaze kwakira Yesu-Kristo ari muto, kandi na twe twamwakiriye, abahinduka bakava mu bibi, ni imbarwa. Abenshi, barakurikira Umwami Yesu mu gihe gito, barangiza bakagwa bakabivamo. Ibyo byatumye mfata umwanya wo gusenga nsaba Imana ngo



iduhe umwanya wo kwisubiraho kugirango tubone umwanya wo kwihana n'uwo guhinduka tukagira urukundo tugasa na Kristo kugirango atazadusiga muri iyi si. Nabajije Umwami Yesu nti none urabona uje nonaha watwara bangahe ko mbona abakwakiriye ari bake, kandi n'abakwakiriye bakwiteguriye by'ukuri ko nabo ari bake ? Urabona byagenda gute ?. Ni cyo gituma ukwiye kuba utinze gatoya ukaduha repechage. Sinsabye redoublement kuko iyo abana badubuye, barirara ngo bari kwiga ibyo bari baramaze kwiga bagasubira bakayoberwa. Repechage ku batumva igifaransa, ni hahandi nk'iyi umwana atabonye amanota akwiriye mu cyigwa runaka kugirango yimuke bamuha umwanya mutoya wo gusubira kwiga neza icyo cyigwa bakazamuha ikindi kizamini. Redoublement na yo ni hahandi umwana bamusubizamo umwaka w'ishule kuko yabonye amanota make cyane mu byo yigaga byose.

Urumva rero nasabye repechage sinasabye redoublement. Umwanya nasabye ni muto, ariko nyine bituma natwe dushyiramo akabaraga mu kwitegurira ukugaruka kw'Umwami wacu kuko tuzi ko igihe dufite ari gito. Kandi reka mbabwire, ni na gito koko kuko n'ubuzima bwacu ni bugufi. Tugomba guhora twitwararitse kugirango tuzapfe dupfiriye muri Yesu kuko tutazi umunsi n'igihe, noneho tuzabone umuzuko wa mbere tuzabane n'Umwami wacu Yesu ubuziraherezo.

Maze gukora ayo masengesho ni ho Umwami Yesu yambwiye ngo: "NDI INTARE YAMBAYE UBWOYA BW'INTAMA ". Kwari ugushaka kutubwira ko ari Imana ikomeye kandi ikaze, ariko ko akicaye ku ntebe y'imbabazi. Turi mu gihe cy'imbabazi z'Imana, ntitugipfushye ubusa. Maze kubwirwa gutyo, nasabye Imana ko ari yo ubwa Yo yaza kudukura mu mikino ikatwiyigishiriza tukabasha kwisubiraho tukazabona Ijuru. Narareba ngasanga n'abakozi b'Imana benshi batazi gusobanura neza iby'Agakiza, noneho abantu bagakomeza kuba abanyedini no kwitiranya Agakiza n'ibindi bintu.

Mu kunsubiza, yambwiye ngo : " GAHUNDA YUBUBYUTSE, NI UKUBWIZANYA UKURI ". Ukuri ni Yesu- Kristo, ni Ijambo ry'Imana. Gahunda rero y'ububyutse bwa none, ishingiyeye kw'Ijambo



ry’Imana. Ni na yo mpamvu, Imana mu kudukura mu mikino, yahagurukiye kutwiyigishiriza Ijambo ryayo. Imana imaze kumpa gahunda, nayisabye ibyigwa tugomba kwiga kugirango iyo gahunda ibashe gushyirwa mu bikorwa.

Mu kunsubiza, nagiyeye mw’iyerekwa, Imana impereza impfunguruzo 3 :

Urwambere rwanditseho : AGAKIZA

Urwakabiri rwanditseho : AMARASO YA YESU

Urwa gatatu rwanditseho : IMIRIMO

Imana irambwira ngo :

“Agakiza ni Yesu, ni we ufungura imitima yinangiye. Amaraso ya Yesu ni yo abezaho ibyaha byanyu byose, Imirimo myiza, ni yo izabazamurira mw’Ijuru. Noneho, akira izi mpfunguzo, ni zo zifungura Ijuru. Nguhayeho inshingano yo kuzigeza ku bari mw’isi bese. Iyi ni inshingano yanywe ari ko ni iyaburi muntu azagirirwa ubuntu bwo kuzimenya no kuzakira. Hano, Imana yashatse kutubwira ko kugirango tuzabone Ijuru, tugomba kuba twarakiriye Yesu-Kristo nk’Umwami n’Umukiza wacu tukaba ari we tuyoboka, tugomba kuba duhora twiyegesha amaraso ya Yesu mu gusaba imbabazi mu gihe cyose dutashyize tugakora icyaha. Tugomba kandi guhora dukora imirimo y’urukundo mu gufasha ababikeneye.

Maze kubona izo mpfunguzo, ari na byo byigwa Imana ishaka ko twiga tukamenya, nasabye Imana ko yanyiyigishiriza nanjye nkigisha abandi. Narayibwiye nti : “ Nta wabasha kunyigisha Ijambo ryawe nk’uko wowe nyiraryo wabikora. Nzahora rero buri joro ngusanga unyigishye ”.

Imana yatangiye kunyigisha mu buryo burambuye kandi bugaragara mu kwezi kwa Gatatu 2010, itangiye kumpa ubu butumwa ngiyeye kubagezaho, ikabumpana n’imirongo ya Bibiliya kugirango nsobanukirwe. Nifashishije ubwo butumwa n’iyo mirongo ya Bibiliya, ni ho natangiye kuvugira ubutumwa ku maradiyo, nsakaza inyigisho z’Agakiza kuri Internet, nigisha mu matorero atandukanye, ndetse mbasha no kwandika ibitabo bitatu bamwe babonye. icyambere nacise ngo : “ YESU



YARANYIYERETSE “, ni ubuhamya bwanjye na Yesu. icyakabiri cyitwa ngo : AGAKIZA NI YESU , icya gatatu cyitwa ngo : “DUKIZWA N’UBUNTU BW’ IMANA“ . Ibi bitabo uko ari bitatu, bigamije kutwigisha ku Gukizwa no ku buryo twakizwa tugahinduka ibyaremwe bishya nyakuri atari ku magambo gusa, ahubwo mu mibereho no mu ngiro. Iki gitabo cya kane cyitwa ngo : “GUKINA BIRARANGIYE,” ni igitabo cyo kubakangura no kubashyiramo umwete wo kwiga no gusobanukirwa Ijambo ry’Imana, ryo Gakiza k’ubugingo bwacu. Ni yo mpamvu nashimye gukora igitabo gikubiyemo ubwo butumwa bw’ubuhanuzi bw’Imana, ntongereye kandi ntagabanije ku byo Imana ivuga kugirango namwe bibubake nk’uko byanyubatse.



IGICYE CYA II

UBUTUMWA BW'IMANA

“NDASHAKA KO ABANTU BANJYE BAHINDUKA RWOSE BAHINDUWE
NA NJYE KUGIRANGO BABONE UKO BAHINDURA ABANDI



1. GUKINA BIRARANGIYE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo
ati: “Gukina birarangiye”.

<< Dore mpagaze ku musozi wa Siyoni ndavuzza ifilimbi
(Impanda). Mwa bana b’abantu mwe, ko nabahaye iby’isi byose
ngo mumererwe neza nababwiye ko ariyo maherezo ?. Ko
nabohereje Umwanawanyengo abereke uburyo muzangeraho,
ariko ntacyo mwize. Ubu wowe, ambaza, wohereje umwana
wawe kw’ishuli akagenda agakina gusa, akakuzanira zero,
wamererwa gute ? Dore mugiyemo kunzanira amazero. Ubwire
abantu ngo kuva uno munsu uwumva ijwi ryanjye ntiyinjirire
umutima, kandi abirirwa bampamagara ngo Databuja Databuja
badakora ibyo ndababwirako, ndababwirako. >> Amen.

Imana idusabye gusoma aya magambo ari muri bibiliya ngo
dusobanukirwe neza n’ubutumwa: 1 Abakorinto 9 na 10:1-13; Luka 6:46-
49; Yakobo 4:7 10; 2 Ugutegeka 10 et 11; 2 Ngoma 15, Abafilipi 3.

2. AGAKIZA SI IGIKINISHO



Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “ kwakira Yesu no kumugumana bisaba muri wowe, bisaba maturitê, ni ukuvuga kuba ukuze mu bitekerezo. Ntimugahatire abantu kunyakira. Ndarambiwe n’Abantu banyakira ntibampe icyo kunywa, ntibamvugishe. Babwire bamenye kwakira Yesu icyaricyo. Ntabwo ndi ibigezweho, ntabwo ndi agakingirizo , ntabwo ndi umukino. Babwire ko kubera bo, uburakari bwanjye bwabaye bwinshi. Mukure mu kwizera no mu ngamba mufata. Mumenye aho muja.

Baragowe abantera umugongo bantesha umwanya wanjye. Hagowe mwebwe mwamenye nyuma mukigendera. Hagowe abo ngirira icyizere nkabaha ibiryo byanjye nyuma bakigendera. Ukwihangana kwanjye gufite iherezo. Hazagera aho bazatsitara kw’ ibuye ryanjye. Ndabemerera ibyiza by’isi n’ibitangaza ariko ntimubasha kubirindira. Jyewe nabarindiriye igihe kingana iki?. Ndananiwe no kubigisha urukundo nyuma mwebwe mukicana. Mwishakira inyungu ubwanyu kandi ari jye nyungu y’iyi si. Ndananiwe, ndananiwe no kubarindira. Ni iki ntakoze ko mutanyemera ?. Sinabakuye mu byobo?, sinakijije abaturanyi banyu, sinagaburiye abana banyu?. Nimwisubireho ndabinginze, nimwisubireho.

Hazaza umwanya ntazaba nkivuga, nzakora gusa. Ndabakunda cyane, nabahaye byose, n’ubu ndabaha. Kandi ndababarira, ariko mbabarira abansaba imbabazi. Nimwisubireho ubu nyine, abanyumva nimusubire mu nzira yanjye, mwongere kumpa ubuzima bwanyu. Mutuma ntakaza ubushobozi kubera ibyaha byanyu. Mwuzuzwa umutima wanjye umubabaro kubera ububeshyi bwanyu. Nimwihane mungarukeho ntimupfane ibyaha ngo murimbuke. Ab’intege nke bagiye gutaha, intwarane zigiyeye kwambuka.. Kandi, ikimbabaje by’indengakamere, n-uko hariho abagiye gutaha batariho ikimenyetso cyanjye. Abo, ntibazabona mu masohanjye.

Ubu, ni igihe cyo kwambara imbaraga. Abanyegereye bagiye kwambara imbaraga. Si ndi umubeshyi, ndi Imana ishobora byose. Ndatabara. Ariko, ntabara abari kumwe najye.



Abanyumvira, ngiye kubahagurutsa bakorane nanjye, ariko abiyobora ngiye kubica. Ni igihe cyanjye cyo gukorana n'abanjye. Ni igihe gikomeye. Naho bikomeye guryo, ngiye gusuka Agakiza mw'isi. Ariko, hariho nanone abagiye kwinangira imitima. Mukomeze mubwire abantu gukiranuka no kuva mu byaha. Abakiranutsi bagiye kugubwa neza naho abanyabyaha, bagiye kurimburwa n'inkota y'Uwiteka. Ibihembo by'abakiranutsi birurutse, n'inkoni y'abanyabyaha irabanguye. Iki n' igihe cyo guhemba no guhana. N'icyo gutwikurura ibyari bitwikiriwe. Kandi, ni jye wihagurukiye. Nabohereje abahanuzi murabica, mboherereza Umwana Wanjye ntimwamwemera. Ndarambiwe no gukina n'abanyabyaha. Ntacyo ntabakoreye, none ibihembo mumpemba ni ukunyimura, ni ukunta. Urugamba ruragabwe, ariko ni jye wo kururwana. Ni jye wo gutabara no guhana. Satani yahagurukiye kwica abayuda bafite umutima umeze nk'uwu nshaka.

Ikimbabaza kindi gikabije n'uko bambeshyera ngo nazanwe no kubaha iby'isi kandi nazanwe no kubaha iby'ijuru. Ntabwo amamodoka, amazu, amadege aribyo nabasezeranije, nabahaye ijuru. Ni ryo ryonyine ritegerezwa kubahaza. Ariko mwebwe, muhora mufite inzara y'iby'isi. Nta nzara y'ijuru mugira>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: 1Yohana 2: 23-24, 28-29 ; 2 Ngoma 15: 2; Matayo 12: 30 ; YAkobo 1: 12; 1 Yohana 4 : 7-21; 1 Yohana 2 :9-10; 1 Abakorinto 13: 1-13; Luka 6: 27-38; 1 Yohana 3: 15-18; Matayo 25: 31-46; Matayo 10:42 ; 2 Timoteyo 3: 1-5; Yesaya 1:16-19; Yohana 3: 1-7; Abaroma 8: 1-17; Matayo 11 :12; Yeremiya 33: 2-3; Yesaya 66 : 17-19; Abaroma 12: 1 Yohana 3 : 1-10; Matayo 13. 2 Gutegeka 11: 26-28 ; Yakobo 4: 7-9; Petero 4: 17-19; Estelle 3; 1 Daniyeli 8: 23-25. 1 Yohana 2: 25-27; Abafilipi 3: 18-19; Matayo 6: 31-34;



3. MUGIRE UKWIZERA KUTANYEGANYEGA (Yakobo 1:12)

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Umwanya washitse aho ntazasubira kwemera ko abantu basubira i nyuma. Ni umwanya wo kumenya neza icyo uhitamo n’icyo ushaka. Satani yahagurukiye abantu banjye. Ariko ndi Imana ishobora byose. Abazaguma muri njye, ntakizabageraho. Hagowe abaganya, abitotomba, abavuga izina ryanjye ariko ntibangandukire, ntibakire ijambo ryanjye. Nzarinda gusa abana banjye, kandi mfite urutonde rwabo mu ntoke zanjye. Ndabarekeye akanya ngo mungarukire, ariko, mwitondere ibintu muhitamo buri munsu n’ingaruka zabyo. Imbere yanjye, nta muntu azazana impamvu. Kubera ko icyo mfite gukora gusa ni ukunyizera no kunyumvira. Ariko mwebwe abantu, ikibazo mfite, muzi ko muzi byose kandi mugatekereza ko mutazapfa. Nyamara, mumenye ko imbere y’intebe yanjye, nta mpuhwe nzaba ngifite. Umuntu wese azacibwa imanza n’ibyo yakoze. Hariho abavuga y’uko bagerageza, ariko gute umuntu agerageza kwizera?. Ibintu ni bibiri : ***Urafite kwizera cyangwa ntugufite.*** Abafite ukwizera guhinduka uko iminsi ihinduka mu cyumweru, nta kwizera baba bafite imbere yanjye. Jye ntabwo mpindagurika nk’abana b’abantu. Ntabwo mpindurwa n’ibihe cyangwa amarangamutima yanyu. Nayo ibigeragezo muhura nabyo, bihari kugirango bibakomeze kandi bipime kwizera kwanyu. Ni nde wababwiye ko ubuzima buzaguma buryoshe ?.

Umwana wanjye wese namuhaye umusalaba we, ariko, ni ku giti cyawe kuwuvana ku rutugu rwawe no kuworoshya wiringira muri njyewe buri munsu.. Ntabwo ndi Imana yo ku cyumweru, ndi Imana ya buri gihe, ndi Imana ihoraho. Kandi, nsuzuma Imitima yanyu buri gihe. Mube maso, muhinde umushyitsi, mwiyeze, mube abere buri gihe. Mwisuzume, nabahaye ubwenge n’umutima nama ngo mwisuzume mwimenye.



Nimumbwire icyo mwitekerezaho. Mwibaza y'uko mukwiriye kuba i ruhande rwanjye ? Ko mukwiriye Yesu- Kristo, ko mukwiriye Umwuka wanjye wera ? Uwibaza ko abikwiriye aribeshya. Kubera ko iyo mudafite ukwizera kutanyeganyega ntimuba muri abanjye. Ntabwo nabana n'abantu banyemera igihe bibashobokeye kandi bibanejereje gusa. Ikimbabaza, ni uko izina ryanjye ritava mu kanwa kanyu kandi imitima yanyu yuzuye kutizera mu bushobozi bwanjye no mu migambi yanjye.

Ni mwicishe bugufi mwihane, mwemere amakosa yanyu. Nimwunamupfukame mbababarire hakiri umwanya. Ntimupfe mupfiriye mu byaha mutarabona isura yanjye kubera kutizera kwanyu. Abazumva ubu butumwa mwese, muce bugufi , mwemere amakosa mwankoreye. Mwemere ububeshyi bwanyu ku Gakiza kanjye. Mwarambeshyeye mu kudahinduka kwanyu. Mungira umubeshi kubera ukudahinduka kwanyu mugahora muri bwa buryarya bwanyu. Nimwisubireho bana banjye kuko nabahaye inzira. Ni musenge mu bigeragezo byanyu ariko ntimute kwizera. Ni muntakambire mu mibabaro yanyu no mu magorwa yanyu ariko ntimute kwizera. Ni muhamagare izina ryanjye mu mibabaro yanyu, ariko ntimute kwizera». Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Abaheburayo 10 : 26-30 ; Abaheburayo 12 : 14-17; Abaheburayo 6 : 4-6 ; Zaburi 129 ; Yohana 12 : 44-50 ; Yohana 3 : 31-35 ; 1 Petero 1 : 6-9 ; Matayo 10 : 38-39 ; Abaheburayo 10 : 19- 25 ; Yohana 14: 6 ; Yohana 10: 7-9 ; Abafilipi 4 : 5- 7 ; 2 Petero 2 : 9-10.

4. MUVE MU BURYARYA (Yeremiya 8: 4-12)

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magambo ati: “Uburyarya bwanyu bugaragarira mu bubeshyi bwa buri mwanya. Ariko, umuntu yabeshya Imana?. Cyangwa ni mwe muba mwijyana mu rupfu. Byose birahari ni munyizera. Ariko murabeshya kuko mwitwara nk'uko mutigeze mumenya. Muri Bibiliya byose birimo. Ariko muhora muvuga y'uko bigoye. Ariko bigoye mu biki ? Kandi Yesu niba



mwaramwakiriye neza, akabuzura, arabahindura. Izo ntege nke zanyu ni zo mbaraga za Satani. Kubera mwuzuye ibyaha, ntabwo nshobora kubatabara. I wanjye, ntabwo umuntu akora ibice. murasenga ariko murasebanya murasenga ariko murasambana, murasenga ariko ntimubabarira, muguma mu nzika zanyu. jye ewe sinababariye byose ?

Ndabibabwiye y'uko amasengesho zanyu atangeraho. Ntabwo nyaha agaciro. Muransaba imbabazi kubera ibicumuro byanyu ariko mukabyongera, kandi muzi neza ko muriho mufata inzira mbi. Hagowe mwebwe muzi ko muriho murayoba ariko mukitwaza intege nkeya. Nta mwana wanjye n'umwe ufite intege nkeya kubera ko murwanirira, nkarwanana nawe.

Nimureke kwibeshya mwibaza ko mukomeye kurusha uko muri. Kandi muri mwe, muzi ko imitima zanyu idakeye. Ubwo se, si uburyarya bwo kuvuga ko mwakijijwe?. Mwakijijwe hehe niba mutejejwe, mudafitiye urukundo umuntu wese ?.

Muri indyadya kubera ko mubeshya abandi ku Gakiza kandi ntako munafite. Nimuhinduke rwose, mukizwe mumaramaze, hanyuma muzabasha kuvuga Agakiza. Kuko Agakiza ni akabihanye, bakantinya, bagahinduka. Kuko abana bajye barankunda bakanantinya. Nayo abandi, ndi gutakaza kubihanganira.

Muri make, Mwibaza ko Yesu yaje kuzana iki ?. Yaje kuzana uguhinduka kw'umuntu, kubera Umwuka wanjye n'ubushobozi bwanjye, n'ugushaka kwanjye kwo kubakura mu menyo ya Satani.

None bane banjye, mwebwe mwatuye Izina ryanjye, mwisubireho, mureke uburyarya bwanyu n'ububeshyi bwanyu, kuri jyewe no ku bandi. Kubera mwebwe, abantu ntibahinduka kubera ko mugumamuri byabindi. Nimunyizere, ntangeson'imwe ntashobora guhindura kubera ko ndi Imana ishobora byose. Nimunsenge nzabahindura, munyereke ugushaka kwanyu, nzabahindura. Mwirinde ikibi nanjye nzabarinda byose



ubuzima bwanyu bwose. Uburyarya bwanyu ni ukuvuga ngo Imana ishobora byose kandi mukiri ba bandi.

Muracumura mukaza kuvuga mw'Izina ryanjye. Ndananiwe, mwisubireho. Nayo uburyarya bwanyu hagati yanyu, ni yo ntango y'uburyarya bwanyu bubariho i mbere yanjye.

Ndi Imana Yera kandi ntabwo nkorana n'ababeshyi. Umuntu ubeshya, yanabeshye, azanabeshya, niyihane ubu nyene, imbere y'uko uburakari bwanjye bukara. Kandi ibyo mbabwiye maze kubibabwira ariko mubikomezanya umwete. Munyizere mwiringire muri jyewe kuko ntabwo muzajya muhomba. Mukomere mu kwizera kwanyu, mwature ibyaha byanyu, muhinduke, kugirango bibe bibakwiriye kwitwa abana banjye.

Nje gutambagira ngo ndebe unyumva mutume. Mwihane mbagirire neza. Nje guhindura ibintu, nje gukura ibintu mu rujijo kuko abanyitirirwa bose si abanjye. Abikorera Bibiliya bose si abanjye, n'abankorera bose si abanjye. Nje kwicungurira, ndiyiziye, muvuge ukuri. Ndiyiziye kwivugira. Hari abanze kuvuga ukuri ngo batiteranya, birigwa bagoreka ibyanjye. Mugire urukundo, ni rwo rugiye kuyobora no gutegeka. Nje kwambura Ijambo abo ntarihayeho, nje gukoresha abo nasize amavuta. Ndi Imana yikwiye. Nkeneye gukorerwa n'abana banjye gusa, ntabwo nkeneye gukorerwa na ba mpemuke-ndamuke. Sinkeneye amaturo y'abatura ayo bibye cyangwa ayo basambaniye. Ndi Imana yihagije. Abakorana ubwibone ngo bagaragare, abihimbaza bazanywe mu murimo wanjye no kwiyubakira amazina yabo aho gushyira hejuru Izina ryanjye baragowe. Harageze ko umuntu wese amenya umuhamagaro we. Abantu banze gukunda ukuri ngo bakizwe. Mukunde ukuri mukizwe. **(ukuri ni Ijambo ry'Imana)** "Amen."

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa : Matayo 26: 41 ; Luka 15 ; Yobu 36 ; Zaburi 128 ; Kuva 33; Abefeso 3 : 4-5; 1 Abakorinto 13 ; Matayo 5 : 1-10; Yohana 12 : 32 ; 2 Abatesakonike 2 : 12 17; Zaburi 119 : 104 ; Nehemiya 6 : 1-8



5. ITEGURIRE GUSERUKA IMBERE Y'IMANA UDAKORWA N'ISONI

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Ndarambiwe n’abanyabyaha. Ndi kubihanangiriza ubwanyuma. Nimutisubiraho vuba, mugiyeye kubona ingaruka z’ibyaha byanyu. Mumenye neza niba muguma muri jyewe, mumenye neza niba muri mu mubare w’abana banjye. Kuko harageze igihe byose bigiyeye guhinduka. Musengere kubona umwanya wo kwihana, wo kubabarira abandi n’uwo gukunda. Igihe kiraje aho igice kimwe cy’abantu kitazabona uwo mwanya. icyo mutumva ni igiki ko ndi Imana imwe rukumbi ibaho kandi ishobora byose, kandi ko kubera ibyaha byanyu nta kindi mukora atari ugukongeza uburakari bwanyje.

Ni muhinduke bana banjye, kugirango mbashe kubona itandukaniro hagati y’abakijijwe n’abatarakizwa. Gucumura kwanyu musubira, gutuma nta tandukaniro riri hagati yabo namwe. Hahirwa abakurikiza ijamba ryanjye igihe cyose cy’umunsi. Hahiriwe unkunda akanyubaha. Kuko abakira Yesu ariwe Jambo ryanjye, bagashishikara guha ikibanza Satani muri bo, ntabwo banyubaha. Ndi Imana y’abahinduka, ariko abadahinduka ni abanzi banjye. Muri muri jyewe, nzabahindura, ariko kubera ko muri abantu muryoherwa n’ibinyoma bya Satani, ababeshesha gukunda no kuryoherwa n’ibintu byo mw’isi, gushakisha ubwiza bw’umubiri, kunezereza imibiri yanyu, mukabesha muvuga ngo nta kundi mwari kubigira ngo muve mu bibazo. Ariko muri nyjewe, ni ukuri kwonyine kuzabakiza ibibazo byanyu.

Munyegere muzabona imbaraga zanjye. Ndi kubwira Itorero ryanjye rirwaye kuko abarigize bateshutse kubera ko Satani yinjye mu ngoro yanjye. Kandi nta n’icyo mukora ngo muyirukane, ahubwo murayakira mukayizimana. Mwisuzume, mumenye igice muri mwebwe muteguriye Imana.



- Ubu butumwa, bugenewe abantu bose bavuga mw'izina ryanjye, bakanyiyitirira, kandi batitwara nkanjye, bakiba identité yanjye.
- Ubu butumwa bugenewe na none ababeshya ubwoko bwanjye
- Bukagenerwa ubwoko bwanjye bubura ubwenge bwo kunshaka.
- Bugenewe abatazi uko bangeraho kuko babeshwe Munsenge nzabihishurira. Nimusome ijambo ryanjye, muzamenya ibinezeza.
- Ndi kubwira Abapasteurs bayobya abantu batigisha Agakiza, batigisha kwihana, batigisha njye mu byukuri, ahubwo babeshya abantu babigisha imihango y'abantu.
- Ndi kuvugana n'umuntu wese ufite umurimo mw'itorero ryanjye, ndamubwira ngo asome ijambo ryanjye arisobanukirwe, ahinduke kuko nibo ntegerejemo ibyitegererezo. Kuko nibo ntezemo umucyo, ariko umwijima utuye hagati muri bo.
- Ndabwira abamanyereye umurimo wanjye ko utamenyerwa, kandi ko batagomba kwifata nk'abamaze gutaha ijuru. Ni mwicishe bugufi kuko murabizi ko mukumura. Ni mwemere ibicumuro byanyu bane banjye, mungarukire mbababarire.

Nimunkunde mungandukire kuko igihe cyose isi izaba ikiri isi, sinzareka kubabwira ngo mwiringire muri nyewe; kuko mfite ubuzima byanyu mu ntoke zanjye. Ntimukigere mumpemukira. Nzabanezererwa mbahe umugisha mwebwe n'abanyu. Mufate ingamba hakiri umwanya.

Babwire ko mbategereje ariko bihute. Nimuhinduke, muhindure isi, ubwiza bwanjye bugaragarire bose“. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa : Abakolosayi 2 ; 2 Timoteyo 3; Mika 2 ; Zefaniya 2: 1-3; Zefaniya 3 :7 ; Yesaya 40 ; 2 Petero 2 ; 1 Petero 2; Yohana 14 ,15; Yobu 40 ; Matayo 25: 31-45; 1 Yohana 1: 5-10; 2 Pierre 3: 9-11 na Yohana 5: 14.



6. TWITEGURIRE UKUGARUKA KW'UMWAMI WACU YESU-KRISTO

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Ibintu bigiye guhinduka mu mwanya mutoya. Ni mube maso kuko mwaburiwe. Ndamanuste gusura abana banjye, mwigure kumurikira ibyo mwakoze. Ni ba hari ikintu wifuza gukora, gikore hakiri umwanya ntugishire ejo hazaza. Ntimugate umwanya mu bitagira umumaro.

Ino message ni iy’abana banjye bitwara nk’uko ataribo. Nabahaye inzira, ni muyikurikire. Abantu baravuga barahanura, ariko mwitwara nk’aho ubwo buhanuzi butazasohora. Ariko ndabibabwiye ni muntinye bitazabasohoreraho. Dore mpagaze ku musozi ndiho mbara intama zanjye, ariko nyinshi zirabura, kuko ziriho zicumura zitihana, ziriho ziracumura ziciranira imanza. Ziracumura zitanababarira.

Imitima yabo yuzuye umwijima kandi, sinshobora kwinjira. Ni yo mpamvu mvuga. Umuntu wese yumva ariwe ari kubwirwa, niyihane. Kuko nzi imitima yanyu kandi buri muni nkabasaba kuyinjiramo no kubahindura. Unyumva wese, uno ni umwanya wo kwitegurira kugera imbere y’intebe yanjye. Umwanya ni umwanya kuko ari umwanya. Kandi njyewe si ndi umuntu wo kubara iminsi. Ni cyo gituma mwakwigura kuko nzaza mbatunguye. Nzohereza ijamba ryanjye, hanyuma umuntu wese azamenya ko ibyavuzwe byose ari ukuri.

Nimungarukire mbereke icyaricyo kuba mu bwiza bwanjye. Ndabona abakiranutsi, ariko ni bakeyi. Mwinjire mu mugambi wanjye kuko ariwo w’ukuri uzabageza ku bugingo buhoraho. Ntimwongere gushaka ibintu ahubwo munshake kuko uno ni umwanya mwese mwategerezwa gushaka Imbaraga zanjye, ngo mbeze, mbategurire ukugaruka kwa Yesu.

Nimwibaze icyo mukora muri ino si. Ni iki mukora ngo isi yezwe ?. Ntacyo bimariye y’uko munsenga nta mirimo. Kuko ni yo nzababaza ko mumurikira. Ni musenge kugirango



mubone imbaraga, ariko igikuru si ukubara amasaha. Ntabwo nzababaza amasaha mwasenze. Ni ugusengana imbaraga, ugasengera mu kuri no mu Mwuka, si ukwuzuza amasaha. Ibyo mukora, mubikore mw'izina ryanjye, kugirango bese bamenye urukundo n'ubushobozi byanjye.

Mubabwire ko Ubwiza bwanjye buje. Kandi niba mwumva mvuga kenshi, ni ukugirango hatazagira ugira impamvu imbere yanjye, kuko, ntako ntazigira kugirango mbabwirire. Mw'isi yose ndiho mbwira abantu ngo bihane kandi bababwirire, babe mu rukundo rwa rundi ruvugwa muri 1 Abakorinto 13. Ni mube abanyakuri, mwuzure urukundo kuri bese. Hanyuma, muzamenya ko ijuru ribakinguriye.

Mwirinde gucira abandi imanza uko bimeze kwose, kuko muri kure yo kumenya ukuri kwanjye kwose no kumenya ubwenge bwanjye bwose. Ubwo lero, ntimwishire mu mwanya wanjye, kuko kubera ibyo muzaneshwa. Ni mwicishe bugufi, muzahora munesha. Ntimukitware nk'uko ibyo mukora nta ngaruka bifite. Nimugume muri njye, nzabarinda. Ndababwira kuko mbakunda. Nimumba hafi, ntakizababaho, ntakizabashikira.

Muzambwirire abagishaka ko mbabwira ko bashikama nka Danieli. Kuko abandi banze kunshaka. Baraharanira gushaka ibishira, ariko ibyo byose birayoyotse. Ariko, ndababwiye ko bazanshaka akaga kabagezeho nanjye ntakibitayeho. Mwivangure mu bidafite umumaro n'abadafite umumaro. Mwivange mu byanjye, nanjye nzivanga mu byanyu. Mujye muhoro mutancumuraho. Ndetse mujye mwihana iteka. Uwitiriwe izina ryanjye akwiye kwirinda muri byose n'uko agenda.

Nimugumane nanjye mukiranyuka muri byose, mwambare intwari zanjye zose. Nohereje Malayika wanjye ariho ashyira ikimenyetso ku bana banjye. Mujye mubanza mutunganye iby'umubiri, kugirango iby'ubugingo bize biza mumaze kwihana. Dore nsura abihana neza bataryarya kuko ntawundiye. Muhore muhagaze kigabo, mwuzuye Umwuka Wera kuko ni yo mababa azabageza mw'i juru.



Muve mu bwoba no mu gushidikanya, Sinkorana na bameze gutyo. Kandi, mvugisha abanyumva, abampinyuye, nanjye ngiye kubahinyura. Abanshize imbere, ngiye kubashyira imbere. Abanyimuye, ngiye kubimura. Ngiye gusubira gutoranya, ngiye gusubira guhindura. Hariho abo nari nizeye, none namaze kubakuraho icyizere. Ni cyo gituma buri mukazi wanjye natoranije akwiriye gukora mu gihe gikwiriye n'ikidakwiriye kandi akiranuka. Akwiriye gukora iby'ubutwari. Mutwarane. Hari abadatwarana ngiye kwambura ububasha. Umurimo nahaye abana banjye urakomeye, ariko uzawukora neza, azambikwa amakamba.

Mube maso rero, bana banjye, mutazatungurwa n'umunsi mubi ugiye kuza ” Amen .

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa : Malaki 3 ; Matayo 6 ; Yohana 13: 14-15 ; Luka 16 ; Umubwiriza 10 ; Yesaya 63 ; Kuva 33 ; 2 Abakorinto 7:1 ; Matayo 24 : 4-9 ; Yohana 8 : 1-11 ; Abakolosayi 3 : 14-17 ; 1 Timoteyo 4 :616 ; Luka 8 :16-18 ; Filemoni 1: 8-14 ; Yohana 8: 31-32 ; 1 Petero 4 : 12-13 ; Abefeso 6 : 10-18.

7. TWITEGURIRE UKUGARUKA KW'UMWAMI WACU YESU-KRISTO (igice cya 2)

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: **“NTIMUGAHERANWE N'AGAHINDA SO WO MW'IJURU ARAHARI”**. Igihe kiraje aho ibintu bigiye guhinduka, sinzabivuga uko bikwiriye ariko ni igihe cyo gushakisha mu maso hanjye. Kuko vuba ahangaha, nta mpamvu muzabona yo kuba mutampindukiriye. Haraje igihe gikomeye ku banyabyaha. Abo mvuga ni abazi ijamba ryanjye ariko ntibarigumemo. Ni igihe cyo kubabarira byose kuko nanjye mbababarira byose. Ni igihe cyo gusaba imbabazi kuko ejo ni undi munsi. Mwiyeze imitima yanyu ntihagiremo agatotsi na gatoyi. Ibikomere byanyu ntabwo bishobora kuba ibyireguzo imbere yanjye. Mubinzanire mbibavure kuko ni jye muganga wenyine uvura imitima



ikomeretse. Mube ab'ukuri buri gihe, ntimugahe icyuho Satani cyo kubabohera mu gahinda n'imibabaro. Munsabe ubufasha buri igihe nzabaruhura.

Kwuzuzwa imitima yanyu agahinda, inzigo n'imibabaro, ntakindi bibamariye atari ukwicukurira icyobo. Munsange, nzabaha imbaraga n'ubushobozi byo kubabarira. Kandi ndabibabwiye, uwutazababarira ntazabona Ubwami bwanjye. Mu rupfu, ntimubonemo iherezo ribi riteye ubwoba. Kuko iyo muri muri nje, ni uburuhukiro bugeza mu bugingo buhoraho. Mubeho ubuzima bwanu mu Rukundo, mu kuri no mu kubabarira. Nimubigenza mutyo, Satani ntazigera abaneshya.

Ndiho mbwira abana banjye bibaza ko ibikomere byabo byakize. Ariko niba bikibababaza, n'uko bitarakira. Mumpindukirire by'ukuri, ndakiza byose.

Ndiho mbwira abana banjye bahaye igice cy'umutima wabo agahinda n'umubabaro ngo baze i wanjye kugirango nsane imitima yabo, kuko muri nje honyene, ni ho haba icyizere. Ndi kuvugana n'imitima yoroshe, yataye icyizere cyose kuba arinjye mutura imibabaro yanyu. Kuko Imitima yanyu ndayigenzura buri gihe ngasanga hariho iyuzuye inzangano. Ndabibabwiye ko ntashobora kwinjira mu mitima imeze gutyo. Ariko mu mitima imeze gutyo, bayinyeguriye, nabasha kuyikuramo urwango, nkarusimbuza urukundo. Mube abatatatifu kandi mube abere kugirango ku muni muzapfiraho muzabe mufite amahirwe yo kuzicarana nanjye". Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa : Jean 4 : 7 ; Matayo 15 ; Luc 6 : 37-39 ; Jean 13 ; Abakolosayi 4 : 2-6 ; Luc 6 : 20-38 ; (uzakurikiza rino jambo, ijuru rizaba rimikinguriwe) ; Luc 6 .



8. MWIHANGANIRANE KANDI MUBABARIRANE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Ndarambiwe no kutihanganirana kuri mu bana banjye. Kuko kutihanganirana bivuga ukutagirana urukundo. Kuko ibintu bibi, mwese mwarabikoze. None se kubera iki mwababariwe, mwibaza ko aruko muruta abandi?. Mube maso kuko abanyubaha bazaba abambere. Imbere yanjye, ndi kubona abitwa abanyabyaha bafite urukundo kurusha abiyita abakizwa. Kuko ntushobora kwitwa umukizwa utahindutse kandi utuzuye urukundo. Bamwe bazavuga ko nkomeza gusubiramo ibyo navuze, ariko n’uko ijambo ryanjye mutariha agaciroro. Ndi Imana y’urukundo, ku wucumuye, ntegereza ko yihana ngo mubabarire ata bihano ngeretseho. Nayo uwibwira ngo arakijijwe, agashishikara kubeshya, kuvuma, kubeshyerana no gucira imanza abandi atihana ngo ahinduke, n’akazi ke kuko uburakari bwanjye kuri we ni bwinshi cyane. Ni cyo gituma mwese mwari mukwiriye kwihana no kubabarira, mukanasaba kwuzura urukundo rwanjye, kugirango mube abaragwa babereye Ubwami bwanjye.

N’ayo amasengesho yanyu, ntagahore arayo kwisengera no gusengera imiryango yanyu gusa kuko isi ni nini, kandi isi yose ikeneye amasengesho yanyu. Mugume muri njye, nzahindura ubuzima bwanyu, kuko muri njye, ni mo haba amahoro n’amahirwe asesuye, atagira inkomanzi. Mukundane kuko mbakunda ku bw’ubuntu bwanjye kandi ntabaciraho iteka. Muri kure mwese yo kuba abere, none ntimugaciranireho iteka, mwihamanire intege nke z’abandi, ahubwo mubasengere kugirango mbakize. Kubera ayo masengesho uzaba usengera abandi, mu gihe uzaba ugeze mu bihe bikomeye, nzayakwibukiraho, nibuke urukundo ukunda abandi; kuko ndi Imana yibuka byose. Nibuka ibitekerezo byawe byose, n’ibyo wibaza ko ari bitoyi, nibuka amagambo yose uvuga, amasengesho yose ukora, n’ibyo ukora byose, kugirango imbere y’intebe y’imanza yanjye ntihazagire n’umwe ugira icyo



yireguza, kuko byose bizaba biri imbere y’amaso yanyu. rero, mwigengesere, mukiranuke ku gato no ku kanini umunsi wose, kandi, muhore muzi neza ko mu byo mukora, mu byo muvuga, no mu byo mutekereza ko muhuza n’ubushake bwanjye. Mube aberanda n’abera kugirango imitima yanyu imbere ubuturo.”Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n’ubutumwa: Imigani 10 : 12 ; 1 Petero 4 ; Yohana 4: 5-42 ; Matayo 24 : 25 na 26 ; Yuda ; 2 Timoteyo 3 : 1-5.

9. MUFASHANYE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Igihe kiraje aho ubumwe bw’abakristo bugomba kugaragara muri ino si. Mugomba kubera abandi ibyitegererezo mu gukundana no mu gufashanya. Uwo nahaye ubukire bwo muri ino si nabutabaremo abandi. Ntacyo bimfashamo ko mutabara abantu mu bihe runaka, cyangwa se ngo mufashe abantu batabikeneye. Ku munsi w’urubanza, nzakubaza niba warampaye icyo kunywa, icyo kurya, kubera ko igihe cyose ufasha umukene, ni njyewe uba ugaburiye, kuko iyo ndeba ibyiza ukora, umutima wanjye urishima. Uko ni ko abana banjye bameze, babazwa n’amagorwa ari mw’isi, bakagerageza kuyatorera ibisubizo. Ku gikorwa cyiza cyose mukora, ndabongerera imigisha. Uwushaka gutanga wese abikuye ku mutima, ntacyo azabura.

Bimariye iki kubaha ubukire bwo muri ino si ari ukugirango muhaze irari ryanyu ry’iby’isi. Mwisubireho mutange ibyo mbaha, kuko mw’itangiriro ya byose, byose ni ibyanjye, nyuma mukanga guha abana banjye ibyabo. Niba muvuga izina ryanjye, mukurikize amategeko yanjye kandi mudacyogora. “Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda wowe nyine “. Ni ukuvuga ko ari ugukunda uwariwe wese, udatoranije ukurikije ikigize umukristo cyangwa ngo utoranye abakristo gusa. Nufasha abakizwa gusa, abandi bazabona ubwiza n’icyubahiro cyanjye



gute ?

Ubu butumwa ni ububahamagarira gukora imirimo myiza kuko nta mirimo myiza, ntacyo mumaze. Abantu barababara nkababarana nabo kuko mbona ubukire abandi biharira bonyene bakikunda mu buryo budasanzwe nk'aho wenda bazabipfana. Ndi Imana, kandi ndababwiye ko ubuzima ni urukundo, kandi urukundo rugaragarira mu gutanga. Ku bantega amatwi, ni igihe cyo gukora kugirango ubwami bwanjye buze mw'isi, kugirango bose bamenye ko ndi muri buri muntu wo muri mwe. Nimwihane mwisubireho munyegere, nzabereka inzira. Uwo Satani yabohesheje ukwikunda no kutagira icyo arekura, ashakishye imbaraga zajye, nzamufungura ibiganza. Fasha abantu mu buryo bwose, mubafashe guhinduka no kugira imibereho myiza, umunezero n'amahoro bibonerwa muri Yesu-Kristo. Ku bihebye bihebye, mushakishye mu maso hanjye, mfite inzira nyinshi zo kubatabara.

Ku bakiranutsi banjye bakorera mu bushake bwanjye, mumpindukirire kugirango mbahe ubwenge n'ubushishozi bwo kunkorera kugirango mube amatabaza y'ino si. Mukundane, kandi muhore mwiyeza, isi izajya muni y'ibirenge byanyu. Ntimwihambire ku by'isi, ngo mushakishye inyungu zo mw'isi, nta zihari. Ni jye nyungu jyenye kuko ni jye ubageza mu bugingo buhoraho, mu buruhukiro buhoraho, mu munezero w'iteka ryose. Mufashanye, muhore muterana ingabo mu bitugu kugirango muhore mujya i mbere, nanjye nzabakomeza buri muni". Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Yobu 30 ; Ibyahishuwe 21 : 9 ; Zaburi 100 ; Umubwiriza 2 ; Matayo 7 : 4 ; 1 Abakorinto 12 : 23 ; Yesaya 40 : 8 ; Yakobo 4 : 13-17 ; 1 Petero 3 : 8-17 ; Ibyahishuwe 19 : 7 ; Yakobo 1 et 2

10. MWIHANE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
"Ubutumwa bwanjye bw'uno muni burabahamagarira kwihana. Ndi kuzunguruka isi ariko ni bake bari kwihana



by'ukuri kandi bari guhinduka . Hariho abantu buri mugoroba bihana ibyaha bimwe, bwacya bakabisubiramo. Nyuma buri munsu bagahora bambaza kubera iki ntabahindura?.

Ni ukubera ko Satani yaboshye imitima yabo akaba abafiteho ubutegetsi, kandi mu mitima yabo hakaba hakirimo umwijima, kubera ko batinye kwatura ibyaha byabo. Kandi ubwo bwoba babuterwa na Satani. Kuko muri nyewe, nta bwoba nta n'isoni kuko Yesu yaje gupfira ibyaha byanyu. Ni we wikoreye gukorwa n'isoni kwanyu kugirango muzabashe kubaho mu mahoro mwarababariwe. Kuko ndi Imana y'imbabazi, kandi isangira namwe imibabaro yanyu yose, uwuzansaba imbabazi agahinduka, nzibagirwa gukiranirwa kwe kwose. Abihana rwirehwa, bagahisha ibyaha byabo mu ndiba z'imitima yabo, bakiyerekana uko batari n'akazi kabo. Baragowe abambeshya kuko ngenzura imitima yanyu. Imbere y'uko munagira icyo mumenya, mba maze kumenya impamvu z'ibyifuzo byanyu n'akantu na gato mushaka gukora.

Ntimukabe abapfapfa lero, kwihana kwanyu guturuke mu kwiringira muri nyje. Kuko niba mwizeye mu mbabazi zanyje, murazi kuva ubwo ko nshobora kubabarira byose. Ariko, kubera ubwirasi bwanyu, muryamanye ibyaha byanyu, mwahaye icumbi Satani. Kuko umuntu agifite ibyaha mu mutima we, hari ikibanza yabikiye Satani mu mutima we. Ntimugatangare lero niba mudahinduka mukaguma muri ba bandi. Nimunyege, muzababarirwa. Mwihane, nzababarira. Ubu butumwa, bugenewe icyaremwe muntu cyose kuko mwese muhamagariwe kwihana imbere y'uko umunsi w'urubanza ugera kugirango imitima yanyu yezwe. Nsabye abantega amatwi bese ko bihana bakihanira kureka bagahinduka, bakarekeraho gukomeza kunyendereza. Nibabikora, kuva muri uwo mwanya, nzabaguma impande ubuziraherezo. Muntabaze, nzababarira. Mumpamagare nzabahindura "Amen."

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Malaki 3, Matayo 3, Yakobo 3;4 , Abefeso 6, Jean 6, Abafilipi 4, Umubwiriza 2



11. MUBE MASO, UMUNSI W'UWITEKA URI BUGUFI

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Igihe cy’ibyiringiro kiri imbere yanyu. Nuko, mpagaze hejuru y’umusozi ndahamagara. Benshi baranyumva, ariko mur’abo ni igice kimwe kimpindukirira., abandi babaye nk’ibishusho ntibava aho bari bigumira mu byaha. Barumva ariko ntibatega amatwi. Dore, barasinziririyeye mu byaha no mu bushake buke. icyo ntakora ni iki ? Reba, Umwuka wanjye wera uri bugufi bwanyu kugirango ubayobore. Ariko se, mwarawuhaye kaze ? None se mwayoborwa n’icyo mudafite kandi mutazi ?. Mube abere, nta na kimwe muhishwa. Nta mugambi n’umwe mu migambi yanjye, uzababera amayobera. Kuko njye gusura abari bugufi bwanjye. Abo ngabo, ngiye kubaha ibirwanisho byo kurwanisha mu bihe bigiye kuza. None, wewe uri gukora iki aho ngaho ko wirirwa wongorera utugambo ntacyo ukora. Usenga wikiza, waturira ibyaha mu ntamatama, ubesha, urahira mw’izina ryanjye, kandi uriho utukisha ibyo ijamba ryanjye byose ryigisha. Ndabibabwiye ku mugaragaro, mwagomba mwese kwihuta kuko ndi Imana y’imbabazi, kandi akaba nta mwana wanjye n’umwe agorerwa i ruhande rwanjye. Munyizere, ndi Imana itabesha kandi y’urukundo.

Nimuhugukire ibyanjye, abiyobagiza, abashinze amajosi, nabasuzugura ibyanjye baragowe. Abisubiyeho, bakava mu nzira impfunganye ijyana abantu mu Busingo buhoraho, bagasubira mu nzira yagutse ijyana abantu mw’irimbukiro, ni bo benshi. Kandi tumenye ko abakurura ibirenge, ko bazatahukana zero. Imana yongeye kuducyaha ifite umubabaro mwinshi n’uburakari bwinshi iratubwira iti : Nimuve mu mikino n’imiteto, igihe mugezemo, si icyo gukina. Ni igihe cyo kwezwaga, ni igihe cyo gusiganywa. Kandi, uzasiganywa neza ni we uzagororerwa. Hagiye gukora intwarane. Intwari zimaze kunanirwa zavuyemo, hasigaye intwarane. Abasinziriyeye bakanguke babe maso bave



mu bitotsi. Mukanguke mbone uko mbamurikira. Abantu barasinziriye ibitotsi byo kubica. (Kandi mumunye ko gusinzira mu buryo bw'Umwuka ko ari ukuba kure y'Imana). Abaryamye ni babyuke, ni bakanguke burenda guca. Abicaye nibahaguruke. Muve mu mihango, mwinjire mu Gakiza nyakuri.

Nimufate ibihe byo gusenga, ni mufate ibihe byo kunyegera. Mwiyinire mwisuzume. Abantu baracyari ba mpemuke - ndamuke. Ese murahemuka mwibaza ko musigaje kuramuka kangahe ? Akaga karaje, akaga kegereye abantu. (Akaga, ni twe turi kukikururira kuko isi yimuye Imana yimika Satani, yubika Ijambo ry'Imana ariyo mategeko y'Imana, yimika amategeko ajyanye n'irari ryayo. Kuko Imana itwigisha gukundana, ariko twebwe tugashishikara kwikunda no kwangana). Ndabakunda nimwumve, ni cyo gituma nkomeza kuvuga. Ariko ngiye guceceka kuko ndavuga ntimwumva. Uzakora ibyo nshaka azagororerwa, ariko uzakomeza kwiyo bora azahura n'akaga. Muvangure ibivanze.

Unkorera ave mu bidatunganye. Mwiyeze cyane, ngiye gukorana n'abejewe cyane. Abiyobagiza n'indyadya, sinzakorana nabo. Abenshi bari gukinisha ibyanjye, sinshaka abankinisha. Ndiho mpima urukundo abantu bankunda, ni rwo ndi gushingiraho mu gukora. Ndiyiziye bane banjye, ndaje. Nyamara ndabivuga ntimubyumva. Nje kugirira neza abari imbere yanjye. Nje gusohora abiyobagiza. Mugire ubwenge mu byo muvuga no mu byo mukora. Mugire kubona bihambaye. Mwirinde mube maso. Mwishakire kuba abere, kuko abere ni bo bazambona.

Ndiho neza umugeni aratashye byihuse. Ndiho ntambagira mw'isi yose nca imanzi ku bana banjye kugirango hatazagira uwo nibagirwa. Harabagiye gusigara mw'isi kandi bari kuri liste y'abazamuka kuko bibereye mu ntege nke . Muve mu ntege nke no mu gushidikanya, nimwambare imbaraga, igihe kiri bugufi.

Harabantu bari gushakira Imana aho itazabonerwa. Mureke gushakira Imana mu Madini, mureke kuyishakira mu bana b'abantu, mureke kuyishakira mu bigirwamana no muri za



Nyabingi. Aho hose si ho muzayibonera, muzayibonera muri Yesu-Kristo ari we Jambo ryanjye. Nimukomeze mwambare imbaraga kuko igihe cyo guhamba no guhana kiri bugufi “. Amen

Imana idusabye gusoma anomagambo ari muri bibiliya
ngo dusobanukirwe neza n’ubutumwa: Matayo 4 : 4-5 ;
Yohana 3 : 2-5 ; 6:1-20; Zaburi 125 : 1-5 ; Matayo 6 ; Imigani 10 : 2 ;
Zakariya 3; Yohana 6 : 1-20 ; Ibyahishuwe 3 : 1-13 ; Yeremiya 34 : 2 ;
Abakorinto 6; Abaroma 12 : 1-16 ; Abakolosayi 4 ; Kuva 10 : 5-8 ;
Kubara 10 : 1-10; Samweli 1 : 1-6 ; Itangiriro 40.

12. IMANA IDUHAMAGARIYE KUBA ABERE TWEJEJWE N’IJAMBO RYE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
“ Ntegereje ku bana banjye kumenya kurusha Ijambo ryanjye. Kuki mudasoma Ijambo ryanjye ngo muritegere kandi murisobanukirwe?. Amagambo abasha guhindura ibintu. Ibaze icyo Ijambo ryanjye ryakora uyaba ryumvikana neza. Ryabasha kuyobora ubuzima bwa buri muntu. Rifite ubushobozi bwo kubahindura kuko Ijambo ryanjye riherekezwa n’Umwuka wanjye Wera. Urizi rero, nta gihombo yagira. Ndi kubwira abarisoma ntibarishyire mu bikorwa.

Ndi kubwira abarisoma bakarigoreka kandi bakarisobanura ukwobishakiye kuko batagira Umwuka wanjye Wera kugirango ubayobore kandi ubasobanurire. Ndi kubwira abarisomesha amasoy’umubiri.

Mwese mwahamagariwe kuba abere, kandi mubiba mubihawe no kwiyeza ariko kwihana. Mube abere nkanjye. Mube abere nk’abana banjye, ni ho umunsi umwe muzaba haruhande yanjye.

Ntimukiyemezengomwishiremokokubaabere bidashoboka, kuko kubera ko Yesu yabapfiriye, mwejejwe mu maraso ye, mwebwe icyo mufite gukora gusa, ni ukumusanga, mukamwiye gurira nyuma mukihana. Nanjye kuko ndi Imana y’imbabazi,



nzabafungurira amaboko yanjye kugirango mbababarire. Ubutumwa bwanjye bugamije kubahamagarira kubabarirana nk'uko mbibakorera ubudasiba. Nta mwana wanjye n'umwe unsaba imbabazi ngo nzimwime. Na mwe, abe ariko mubikorera bagenzi banyu. Kuko, ni ku bw'urukundo Umwami Yesu yabapfiriye, kugirango namwe muzarukwize mw'isi ". Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe heza n'ubutumwa: 1 Abakorinto 13 ; 1 Yohana 2 na 3; 1 Petero 2 : 1-3 ; Abaheburayo 10 ; Matayo 20 : 6-16 ; Yakobo 2: 13 ; 2 Samuel 22 : 7.

**13. UWITEKA IMANA YACU ARI KUDUSABA GUSA
NAWE NO KWISUZUMA TUKAMENYA UKO DUHAGAZE,
TUKAMENYA KO DUSA NAWA KOKO.**

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
" Ni ukubera Urukundo rwa Yesu- Kristo mwababariwe. Ni ku bwokwitanga kwe mwabonye impuhwe zanjye. None ni kuki mutagira nka we namwe ngo mwitange?. Murashaka kubabarirwa kandi mwebwe mutababarira. Murashaka urukundo rutarimo kwitanga. Murashaka ubuzima butarimo imibabaro. Kandi ari mu mibabaro mwigiramo, kandi ari mu mibabaro ndeberamo uguhitamo kwanyu. Kandi mu mibabaro, ni ho menyera abana banjye. Ndi Imana yuzuza ibituzuye muri mwe, igakora ibyo mudashobora, igihe cyose mumpindukiriye mwejeje, kandi mukampindukirira mumbwiza ukuri ku bitekerezaho byanyu n'ibyifuzo byanyu. Kuko nzi akantu gato kose kari mu byifuzo byanyu n'imbere y'uko gahinduka igitekerezaho. Munyizere, ni njye mujyanama nyakuri , kuko muri njye, ntimuzahomba, ntimuzicuza, kandi sinzabaha impanuro mbi.

Uno munsu, nsabye abantu bese kwitwara nka njye mu bintu bikurikira :

1) Abizerwa badacira abandi imanza, badatangazwa n'akabanga abandi babahishuriye. Kandi, ntimukabwire abandi ibyo mwabwiwe n'aho mwaba mwibaza ngo biftiye umumaro abandi, mudahava mugira uwo mukomeretsa mu byo muvuga.



2) Kubabarira mu rukundo kandi by'ukuri bivuye ku mutima atari iby'akarimi gusa. Mugomba lero gukunda abo mubabarira bose. Kuko ubuntu mwabuhawe nta kiguzi mutanze, bugomba kuba impamvu n'ikimenyetso byo guhinduka kwanyu. Nkuko mwababariwe, ni ibisanzwe lero ko mubigirira abandi mutarinze kubishiramo imbaraga, cyangwa kwihimbaza, bikaba mu miterere yanyu, bikaba muri kamere yanyu isanzwe. Lero, mubikore mwicishije bugufi cyane kandi mu buryo buhamye. Lero ntabwo aribyo kubonera umudari kuko mutabereyeho kwihemba cyangwa guhembwa n'abantu. Mwicishe bugufi mu byo mukora byose, Satani atabaryarya ngo mutangire kwirata no kwishyira hejuru.

3) Mu mibabaro yanyu, mubabarane kwizera no kwihangana kuko ndengeye ibyo byose. Kandi kuko arinjye waremye umunezero, naremye na none umubabaro. Nzi lero uburyo mbigukuramo igihe cyose. Ugomba kwigishwa na buri kintu kikubabaje, ukamenya uburyo ugisohokamo kiguhesheje imbaraga zirenze izo wari ufite. Munyure mu mibabaro mudasharira, mutararikira, mudashavura, mutagira ishyari , kuko ni mwe ubuntu bwahawe muri Yesu-Kristo. Muri we, nta mibabaro iba ikiriho, kuko yazuwe no kugirango mutazasubira kugira imibabaro.

Mube inyangamugayo mu byo muvuga no mubyo mukora kuko nta kimbabaza nk'uko abakizwa birirwa bacyaha abandi, kandi nabo badashira mu bikorwa ibyo bababwira. Banyubahisha akarimi kandi mu mitima yabo byose ari ububeshyi gusa.

Ubu ni igihe cyo kwisuzuma no kwimenya uko umeze wewe ubwawe. Ndashyamba ko buri muntu azasarura ibyo yabibye. Ni igihe cyo gusuzuma mu murima wawe aribwo buzima bwawe. Ni igihe cyo kumenya neza ingamba ufata, cyo kumenya neza uko witwara ukishira ku munzane, kugirango umenye ibyo uzasarura ibyaribyo. Ese wumva muri wowe uzasarura urukundo, impuhwe, kurenganurwa, kubabarirwa, kwihanganirwa, icyubahiro ?. Kuko ibyo bishaka kuvuga



ko nawe ariko witwaye mu mibanire yawe n'abandi. Bivuga ko wabibye amahoro mu bakuri bugufi bwawe bose. Niba atari uko bimeze, harageze ko utwika ibyatsi bibi arirwo rwiri ruri muri wewe. Harageze ko uhinduka ukampa ikibanza mu buzima bwawe. Harageze ko musoma Ijambo ryanjye. Harageze ko mungarukira kugirango umusaruro wanyu ube mwiza mu byo mukora byose. Harageze ko mwera imbuto nziza zibasha guhindurira abandi mu byiza. Mungarukire, mwiyeze, mwihane, kandi cyane cyane, ntimukigere mushaka kunsimbura>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Matayo 7 : 1-25 ; 1 Abakorinto 1; Ibyahishuwe 2 : 19-22 ; Yohana 14, 15 ; Luka 6 ; Hoseya 4 : 1-10 ; Hoseya 8 ; Hagayi 1; Malaki 3: 13-18 ; Ibyahishuwe 3 : 10-13; Abakolosayi 3 : 8-17; Luka 13 : 6-9 ; Jean 4 : 31-42 ; 1 Jean 3 .

14. IMANA IRI KUDUHAMAGARIRA GUSENGERA MU KURI NO MU MWUKA

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Ndabwira abasenga ko ndambiwe n'amasengesho yo kundyadya. Ntabwo nyatega amatwi kuko yuzuyemo ububeshyi, amaganya no kutanyurwa. Sinababwiye gusengera mu munezero?. Musenga mwibeshya nanjye mumbesha kuko mutamfungurira imitima yanyu ngo muyinyugururire kandi muzi ko nzi ibyanyu byose. Ubu butumwa n'ubwo abumva aribo babwirwa, bumva ko amasengesho yabo atakirimo. Mbahamagariye gukora amasengesho nyakuri, amasengesho mukora muhamagara izina ryanjye. Yesu yarabigishije gusenga, ariko ibyo yabigishije mwabigwije n'ubusa, ahubwo murabiseka Aho gusenga uko yabigishije, mwahisemo kugwiza amagambo , mukavuga amagambo atarangira, noneho agahinduka amagambo asa n'ayavugwa n'abasazi bataye imitwe. None , mpagaze hejuru y'umusozi ndeba uburyo abantu bansenga , nsanga hariho abavuga ibitagira umumaro, abandi barisinziririyeye. Ni bake ndi kubona bafata umwanya wo



gusengera abandi n'uwu kwisengera.

Amasengesho ntiyabereyeho kugirango mu gihe cy'iminota icumi n'itanu mufata ngo murasenga, mube muriho mwivuga, musabiriza mudasiba.

Mwa kiguri cy'abantu bikunda gusa, n'inde wababwiye ko mutahari, isi izareka kuzenguruka, kandi ko mutahari isi izareka kubaho. Abasenga berekeje imitima yabo ku bandi no ku bari mw'isi yose, nibapfa, isi izahomba kuko amasengesho yabo nyakoresha ibitangaza. Nayo abatekereza ko gusenga ari nje, nje, mpa kirya, subira kirya, ni ugutakaza umwanya wabo; kuko nsoma mu mitima yanyu nkamenya ibyo mukeneye. Ku bushake bwanjye, nzabibaha. Ariko, ntimugahore mwitekereraho buri gihe mwisengera mwebwe n'ibibazo byanyu, kuko ataricyo mwahamagariwe. Mwahamagariwe gusenga kugirango isi igende neza kurusha, mwahamagariwe gukora kugirango Ubwami bwanjye buze. Mube abera n'aberanda kugirango muzabone ubwiza bwanjye. Mube ibyitegererezo by'abandi mu kubafasha no mukubasengera, kugirango mubashe kwitwa abahungu n'abakobwa babereye Ubwami bwanjye. Musome ijambo ryanjye muziga kumenya gusobanukirwa no kwubahiriza amategeko yanjye^{>>}. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Matayo 6; Zaburi 23: 6 ; Esiteri 4 : 14; Luka 23 : 44-55 ; Itangiriro 2: 15

15. DUHAMAGARIWE KWIRINGIRA MU IMANA YO YONYINE RUKUMBI (Luka 18: 8)

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo
ati: “Nuko, mpagaze hejuru y’umusozi wanjye, none ndambiwe n’uguhora buri gihe mbabwira ibintu bimwe hanyuma ntimubishyire mu bikorwa. Cyangwa mukabikurikiza icyumweru kimwe, mugishushe, hanyuma mugakonja, mukisubirira kuba abo muri bo “ abana ba Satani “. Kuko igihe cyose mutanyumvira , kandi muzi ibibi mukora, ntabwo muzi



ko muba muriho musubira gukorana amasezerano na Satani ? Igihe cyose, mwiringira muri mwebwe cyangwa mu bandi, kuko amasezerano yatinze gusohora, gutakaza kwizera kwanyu, si ukuvuga rumwe na Satani muvuga ko Imana idashoboye byose ?. Yemwe abarushe n'abaremerewe, musange Yesu arabaruhura. Aho kumusanga, musanga ibitagira umumaro.

Ugomba kumenya uruhande wegukira urwarirwo kuko ibintu ni bibiri. Nyimba utari uw'Imana, uri uwa Satani. Niba mwitwa abana banjye, nta mpamvu ihari yo gushidikanya. Ndabakunda n'aho mufite intege nkeya , ariko icyo ntabasha kwihanganira, ni ukutanyizera. Ibi byica imibanire yose twari dufitaniye, kuko ntawujyana n'uwo atizeye. Icyo mudasobanukiwe ni igiki ko ndi Imana ishobora byose mu bushake bwanjye, kandi ko ndi Imana yikwiye, kandi ko ndi Imana isoza amasezerano yose. Gusorezwa amasezerano, wewe nta kindi bigusaba atari ukunyizera. Kuko, ni ukwizera kwawe kutanyeganyega kuzatuma usorezwa amasezerano yawe yose. Isi ni nini, ariko nta bana benshi mfite bampindukirira, igitondo, sasita na nimugoroba, bakaba arinjye bihishurira nnyenyine, bakansenga banganiriza ku buzima bwabo, ku byo bafitemo intege nkeya, ku byabababaje..... n'ibindi. Kuko nta busabane twabasha kugiranira igihe cyose mutambwiza ukuri mu masengesho yanyu.

Mube abaziranenge, kugirango Yesu umunsi azaziraho azatware abantu benshi . Kuko hahiriwe abazabona umuzuko wa mbere. Ntimube abapfapfa, ni munyemere, ntimugatwarwe n'ibigezweho. Mu bihe byose ni mwemere ijambo ryanjye riri muri Bibiliya. Ntihakagire ababahendesha amagambo yabo, kuko mwese mufite ubwenge bwo gusobanukirwa n'Ijambo ry'Imana. Ntimugakurikire abantu nk'impumyi, baba abana b'Imana cyangwa abataribo, nimukurikire nyewe nyenyene, munkurikire mw'Ijambo ryanyje. Mwisuzume mumenye aho imirimo yanyu izabajyana, mumenye n'iyi ibyo muvuga bibayobora biberekeza, kuko, ibyo, ni byo bigize ubuzima bwanyu. Mubyiteho lero kuko icyo mukora cyose n'icyo muvuga



cyose, kibagiraho ingaruka.

Mu bihe byose, muhore mwihana, muhore mwiyeza, ni mube abere, kandi ikiruta byose, nimwuzure urukundo. Uburire abantu bakora biyobagiza ko nje guhemba, ko nje kugororera abakoze neza. Igihe cy'igipimo kiraje, n'akayunguruzo karaje. Umuntu wese agomba kugira umwete wo kuba maso no kuba imbere yanjye.> Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: 1 Yohana 2 ; Mariko 12 ; Abaheburayo 12 ; Yakobo 3 na 2 : 14-19 ; 2 Timoteyo 2 : 13, 2 Abakorinto 11 ; Abaroma 6 ; 2 Samweli 10 .

16 . ITORERO RY'IMANA RIHAMAGARIWE KUBA UMUGENI WA KRISTO NYAKURI KANDI UMWIZIHIYE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: "Igihe kirageze aho Itorero ryanjye rigomba kuba Umugeni wanjye nyakuri. Ryakoze iki iyi myaka yose ? . Harageze ko rihaguruka rikuzuza inshingano ryaryo, kuko niba ritari icyitegererezo ku bantu bose, ryavuga gute ko ribereye Yesu-Kristo ? . Harageze ko Itorero rifasha impfubyi, abapfakazi, abarwaye, abakene, ababuze urukundo, abatagira ababumva, inzererezi , abatagira aho batura, abashonje, abuzuye agahinda. Kuko, ntabwo bihagije kunsengera mu mazu meza manini, kuko ibyo byose ni amabuye, kandi vuba aha ngaha, byose bizasenywa, kuko ndababwiye ko Ubwami bw'Ijuru butangirira mu mutima wa buri muntu. Nta torero lero rihari , igihe nta rukundo rutagira ikagero n'umupaka ruri mu barigize.

Nta kindi mukora atari ukuzana impamvu imbere yanjye, mugatukisha izina ryanjye n'umurage wanjye. Itorero ryanjye, ntacyo rigishaka kuvuga kuko ntacyo rikora. Ku by'ibyo, ntabwo mwigaragariza isi nk'umucyo, mwiruka inyuma y'amaronko yo mw'isi nk'indashima zidahaga. Ntabwo musiba gusabira iby'isi Itorero, ariko se iby'abana banjye byo bimeze bite ? Nta bari hagati yanyu bicwa n'inzara ? None se wahimbaza Izina ryanjye gute kandi mwene wanyu atakibona icyo kurya. Harageze ko



mwunga ubumwe, mugahindura ibintu mw'itorero ryanjye, kugirango mube mukwiriye kwitwa abageni banjye . Harageze ko mufashanya hagati yanyu nyuma mugafasha isi yose muyihindura>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Malaki 3: 7-12 ; Matayo 24 na 25 ; 1 Yohana 4;1 Yohana 3 ; Matayo 12 : 1-10; 2 Abakorinto 6; Ibyahishuwe 3: 1-6 ; Yohana 7 : 6-7 ; Luka 13 : 14-20; Habakuki 2; Zefaniya 3.

17. IMANA IDUHAMAGARIYE GUKUNDA N'ABANZI BACU

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Andika ko urukundo rwanjye nta bihembo rusaba, ndabakunda ku bw'ubuntu bwanjye, kandi urukundo rwanjye ntirurobanura, mbakunda mwese kimwe. Ikibazo si uko ntacyo nkorera abababara, ahubwo, ikibazo ni uko mwebwe ntacyo mukora. Murareba, naremye iyi si ndayibahereza. Umuntu wese agomba kuzana ibuye rye kugirango yubake isi itarimo imibabaro. Ntabwo ari njye ndema amagorwa, ahubwo ni mwebwe kubera ko ntacyo mukora. Isi ntabwo igarukira kuri wowe gusa, uri na muto cyane muri ino si, kuko ku bwanjye, muri umwe.

Ariko, uko bimeze, buri munsu, ibitekerezo byanyu mubiyerekezaho. Ni igihe cyo guhinduka no gukunda abandi mwishira mu mwanya wabo kugirango mubatabare. Byose ni ikibazo cy'urukundo kuko ni rwo ruzabakura mu nzara za Satani. Kandi uwuzuye urukundo, ni we wenyine ukwiriye kuragwa ibyo naremye. Ntimukikunde kuko nanjye ntikunda. Ntimukabe abanyamatiku , ntimukagire ubugugu, kandi na cyane cyane ntimukabe abapfapfa kuko buri wese azasarura ibyo yabibye. Nabaremanye amarangamutima kugirango mugaragaze ayaboneye noneho muyakoreshe neza mufasha abandi. Mumenye ko ubuzima bwa buri muntu ko bufite agaciro imbere yanjye, kandi ko ikinshishikaje cyose ko



cyagomba kuba aricyo mwitaho imbere ya byose. Mufatane mu nda mwese. Kandi mumenye ko urukundo rwanyu hagati yanyu ko rutagomba kugira ikiruhungabanya. Ntimugahendwe n'umwanzi ubaryarya akabumvisha ngo hariho abantu mutagomba gukunda ku bw'ibyo bakora. Ni mu gukunda ababakomeretsa, ababagambanira, ababanga muzanesha. Aho ni ho icyubahiro cyanjye kizabagaragaraho>>Amen.

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Itangiro 2 : 26-31 ; Matayo 25 : 31- 34; 1 Yohana 3 : 1-2 ; Luka 6 : 20 - 49 ; 1 Abakorinto 13; 2 Timoteyo 2 .

18. IMANA IRI KUDUHAMAGARIRA GUHUNGA

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: "Imana yarambwiye ngo bwire abantu ngo: Niduhunge umujinya w'Imana uraje, akaga kegereye abantu. Imana igiye gusarura ibyeze n'ibiteze. Kandi nimukomeze mubwire abantu ko Umwami wacu Yesu-Kristo aje. Satani yahagurukiye kurimbura abantu b'Imana. Ni cyo gituma Imana idusaba guhunga vuba, tutareba inyuma, kuko uhunga areba aho ahungira. Mwibuke ko muka Loti kubera kureba iyo avuye kandi Imana yamubujije ko yahindutse inkingi y'umunyu. Imana irabinginze ngo : ni mwihutire kuva mu bibi, nimwiyeze vuba na bwango, kandi mwibuke ko muri mw'isiganywa ryo kuja mw'Ijuru. Ntimukibagirwe ko usiganywa yirinda ku gato no ku kanini, kandi usiganywa yiyambura ibimuremerera byose kugirango atananirwa.

Ni mube maso, muve mu mwijima. Harabo akaga kagiye gusanga mu mwijima, kandi ni muve mu bwoba no mu gushidikanya. Abo akaga kagiye gusanga mu mwijima, ni abagiye gupfana ibyaha. Mwirinde >>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: 2 Gutegeka 32 ; Yeremiya 11; Abaroma 8 ; Luka 18; Abaheburayo 10 : 19-39; 1 Abakorinto 10 ;



Luka 19 : 1-9; Luka 15 : 11-32; Yerehiya 51; Abaheburayo 6.

19. UBAKA UBWAMI UZATAHAMO UBWO UTAZATAHAMO UBWIHORERE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Ubu butumwa bugenewe abo bose batakemera cyangwa batarigera bemera Itorero ryanjye. Ntabwo Itorero ryanjye ari iryera ariko niba utabasha kurihindura, kuki uguma urisebya? Uricira urubanza? Wibaza ko ibyo bimarira iki? Harageze aho buri wese amenya umwanya we n’umuhamagaro we. Buri wese yarakwiye kunyambaza nkamuhishurira umuhamagaro we. Igihe buri wese azaba yamenye intego y’ubuzima bwe, ni ngombwa ko buri wese ahagukira gukora umurimo we ubutagisubira inyuma. Kuneshwa kw’Itorero, ni ukuneshwa kwa buri mukristo. Ni ukuvuga ko mu gihe cyo kurangura umuhamagaro wawe, hari ibyo utahaye agaciro gakwiriye, ntiwabikora cyangwa ulihenda ntiwamenya neza ibyo ushinzwe. Cyangwa uhaza ibyipfuzo byawe bitari ibyanjye. Ibyo byose bikavuga ko kwita ku murimo wanjye byarabuze.

Ndasaba buri wese kwisuzuma agasuzuma umurimo we kugirango arebe aho agomba gukosora kugirango mube amatabaza y’iyi si nk’uko nabigambiriye kuri mwe. Nta kuneshwa mu murimo wanjye kubaho nta n’igihombo kibamo. Ni cyo gituma buri wese agomba kubyaza umusaruro ibyo namuhaye. Ntabwo mufite impano zimwe, nta n’ubwo mufite ubutunzi bumwe, ariko mwese mufatanije kandi buri wese agakora ibijyanye n’ubushake bwanjye, Itorero ryanjye rizaba rirabagirana umunsi nzaza kuritora.

Ntimukubake ubwami mutazi neza ko muzinjiramo kuko mwabuze ukwicisha bugufi, kuko mwabuze urukundo, kuko mwahanuye ibinyoma, kuko mwambuye abantu mw’izina ryanjye, kuko mwibye Ijambo ryanjye mukarikoresha mu nyungu zanyu, kuko mwacyumuye ariko mugashishikara kubwira abandi uko bagomba kwitwara kandi namwe ubwanyu mutabasha kubishira mu ngiro, kuko mwakurikiranye inyungu



zanyu ariko mugashishikara kwumvisha abantu bose ko mukorera mu bushake bwanjye. Ibyo mukora byose bigomba kuba bihujye n'ubushake bwanjye kugirango mube muzi neza ko ku munsu w'urubanza ko muzaba muri i ruhande rwanjye ubuziraherezo. Muhore mubereye kwitirirwa izina ryanjye kandi muhore mukwiriye urukundo rwanjye>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Abaroma 8 : 28- 39 ; Abefeso 4 ; 1 Abakorinto 10 ; Matayo 7: 21-23 ; 1Yohana 2 ; Abaroma 12 ; 1 Abakorinto 12.

20. IMANA IDUHAMAGARIYE GUCA BUGUFI TUKAYIGARUKIRA

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magambo ati: “ Abantu babuze urukundo. Bikunda kurusha uko bakunda abandi. Nimwongere muce bugufi. Mwabayeye barebare, murashaka kunsumba. Uwo ntabaye abababaye sinsubira kumubona. Ndabagirira neza nkababura. Nyamara mutarebye neza, ibyo nabatije ngiye kubibambura bitari ngombwa. Murihana muca kubyaha, muca hejuru. Mumeze nk'abahinzi baca hejuru y'urwiri. Abantu bagiye gutuma mbatera umugongo bitari ngombwa. Bamwe bazanwa mu ngo ryanjye no kwumva amasezerano atari ayabo. Amasezerano ni ay'abakiranutsi. Ibinyo by'abana ntibizagaburirwa imbwa.

Ijwi ryanjye rigiye kuba ingume. Nkunda abankunda, abanshakana umwete bazambona. Nimwubake ku rutare mwe kwubaka ku musenyi (Urutare ni Yesu-Kristo). Abubaka ku musenyi, amazu agiye guhirima. Muve mu byo murimo. Abantu bari mu byanjye bakina. Nimufate Imana nk'Imana. Si ndi igikinisho. Nimufate Imana nk'umunyembaraga. Umuntu nzamumerera uko azamfata. Mureke gukora imirimo mibi, mwere imbuto z'abakiranutsi zivugwa mu Bagalatiya 5 : 22-26. Amashami atera imbuto z'abakiranutsi barayaca bakayatwika agasha. Abantu batera imbuto bameze nk'ibiti by'inkokore.



Abantu batari mu Mana, bameze nk'agati gateye ku musozi kumye. Abantu bari hafi y'Imana nibo batoshye, bameze nk'igiti cyatewe ku mugezi. Umwami Yesu ni we Mutsima w'ubugingo. Kandi umuntu nankorera ankurikire^{>>}. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe nezan'ubutumwa: Yeremiya 26; 1 Abakorinto 4 : 7 ; Yohana 12 : 25-26.

21. IMANA IDUHAMAGARIYE KUGENDANA UBWENGE

Yesaya 3 : 12 “Nyabuna bwoko bwanjye, abakuyobora barakuyobya, bakarimbura inzira zawe unyuramo”

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magambo ati: “Birandambiye kubona abakizwa bubahiriza ibyo Pasteur runaka cyangwa undi runaka ababwiye ariko ntibubahirize Ijambo ryanjye. Ndashaka ko icyitegererezo cyabo ko kiba mw'Itorero ryanjye no muri Bibiliya. Bwoko bw'Ubwenge buke, ntimubona ko byose bizakurwaho kiretse Ijambo ryanjye rizamaho iteka ryose. Rero ntimukizirike ku bizashira, ku magambo atagira umumaro mubwirwa n'abiyita abarokore. Ntimugakurikize imyizerere n'amahame y'Idini runaka, ahubwo, gerageza gukurikiza Ijambo ryanjye. Iryo Jambo ryanjye, rikubiye muri iri hame ko :ku bw'Urukundo mbafitiye, nabohereje Umwana wanjye w'Ikinege. None ku bw'ibyo, mbasabye gukundana, kuko Ijambo ryanje rikubiye mu murimo umwe wo Gukunda. Mwuzure urukundo ni rwo ruzabashoboza byose kuko muzababarira, muzagira impuhwe mufashe abandi kandi, mubakorere mubatabare . Mu by'ukuri, mu Rukundo ni ho habonekera Ubwiza bwanjye n'Ubumana bwanjye bwuzuye.

Ntimukabeho mu buzima bwo kwizirika ku mahame yo muri ino si abakandamiza, hanyuma bigatuma mutekereza ko kubana nanjye bigoye kandi ko harimo imibabaro. Hamwe nanjye ntamibabaro iriho. Kuko ni ubuzima bw'urukundo hagati yawe nanjye. Niba wumva kuri wowe kunkurikira bikugoye, banza



ufate umwanya wibaze niba uriho ukurikira njyewe cyagwa abantu mu myemerere yabo. Mube abaziranenge, cyane cyane mube abanyabwenge mu kwizera no mu byo mukora byose>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Matayo 15: 1-20; Yeremiya 28; Yohana 14: 21 – 31

22. IMANA IDUHAMAGARIYE KUBA MASO BURENDA GUCYA

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “ Harageze ko buri wese anyizirikaho kuko imiraba iraje. Ku batekereza ko bino ndi kuvuga byamaze kuvugwa kenshi, ni byo, bavuga ukuri. Ariko, n'uko mudashaka guhinduka. Kuko ku bwanyu mwibaza ko muzabona umwanya, ko hazabaho ejo ho gukora kirya na kiriya, ho gukosora ibitameze neza, ko amaherezo, hazabaho umwanya wo guhinduka. Kandi muzi ko nk'uko Ijambo ryanjye ribivuga, imperuka izabagwa gitumo atawuyitegereje. icyo gihe, nta ejo hazaba hakiriho kugirango mukosore ibyo mutari bwicyuze. Mwicishe bugufi, munkurikire, mube intwari, kandi mukure muri mwe ibibatandukanya n'abo mugomba kuba bo. Ntimugasunikire ikintu na kimwe ejo.

Murebe imbere muhangare byose. Uko muzarushaho kugwanya ingeso mbi zanyu, ni ko muzarushaho guhinduka. Ndi Imana y'Imbabazi. Igihe cyose mumpindukiriye n'umutima w'ukuri utaryarya, mbabarira ibyaha byanyu byose kuko muri Yesu mufite ubaburanira. Mube abana bumvira mu byo muzi. Ubushake bwanjye bwose buri mw'Ijambo ryanjye. Ntimugapfusha ubusa iminsi yo kubaho kwanyu. Mwibaze umumaro mumariye njyewe umuremyi wanyu. Mfitiye umugambi buri wese, none se, muriho mukora uko mushoboye kugirango uwo mugambi mbafiteho usoze ?.

Umuntu wese afite ikibanza cyo mu bwami bwanjye, kandi agomba kungirira umumaro kuko mwaremewe kunkorera. None se, unkorera n'umurava n'urukundo ? Uriho usoza



intego y'ubuzima bwawe yo kwicyanga nanjye ?. Niba atariko bimeze, banza uhagarare, utuze, uhagarike ibyo wariho ukora byose, ubanze usubire gusabana nanjye kugirango nukomeza urugendo, uzamenye neza ko uri mu nzira naguciriye. Ntugapfushye ubusa umwanya wawe n'imbaraga zawe ku bintu bitazakugirira umumaro mu buzima bwawe bw'iteka ryose bwo mw'Ijuru. Shyira imbaraga zawe zose mu kurangurura umugambi waremewe, kuko buri wese yaremewe kwubaka ubwami bwanjye. Kandi wubake ubwami bwanjye ufite umutima wejejwe, uri umuziranenge kandi warikuyemo ubugome bwose. icyo gihe, icyubahiro cyanjye kizaba kuri wewe kuko isi n'ijuru bizahamya imirimo yawe myiza.

Abantu benshi baracogoye, bamwe basubiye mu byo bari bararetse, basubiye kwivanga n'abanyamahanga nka Efurayimu. Amasengesho y'abera yabaye make. Abantu benshi bararangaye, barahuze nari mbakeneye. Abantu bagiye kuzira kubura ubwenge. Bagarukire aho bageze. Mureke gukomeza kurongotana nk'impumyi zitazi iyo zijya. Nanyuze mu bahanuzi, nanyuze mu bavugabutumwa, nanyuze mu baririmbyi ariko ntimwumva. Ariko uwanga kwumva, inkota y'Uwiteka iramubanguriye. Mumpindukirire ndabategereje. Mpagaze mu mayira abiri mbategeye amaboko. Mwarayobye, mwibereye mu nzira nyabagendwa ijyana kurimbuka. Murangariye iby'isi bimeze nk'uburabyo bugiye guhunguka. Igihe kirageze kandi kirasohoye ngo amagambo navuze nze kuyakurikira nyasoze[>]. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: 1 Yohana 2; Matayo 18; Yesaya 13; Abakolosayi 3; Yeremiya 1; Luka 16; Sofoniya 2; Yuda 1; Mariko 16: 17 – 19; Ezechieli 20; Luka 12: 13-21; Zaburi 148; Yeremiya 31: 27-28

23. MUHAGARARE KIGABO MUTAZANESHA

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
"Kubera iki bibagora kwemera ko nshobora guhindura byose, ngahindura ubuzima bwanyu n'imitekerereze



yanyu. Aya ni amategeko ahari kuva isi ikiremwa. Umuntu wese asarura ibyo yabibye. Unyumvira nanjye nzamwumvira. Utamvaho nanjye sinzamuvaho. Abankunda nanjye nzabakunda. Nkunda abankunda kandi abanshakana umwete bazambona. Abanyishingikirijeho, nibo ngiye kuzamura. Abanciriye bugufi, nanjye nzabacira bugufi. Abanshyize hejuru nanjye nzabashyira hejuru. Abanshyize i mbere, nanjye nzabashyira imbere. Abo nahaye bakanyungukira nanjye nzabongerera. Uzampa nzamuha. Uzanyima nzamwima.

Abiyobagizantibazigerabankubitaajisho. Mureke kwishingikiriza ku by'isi no ku bwenge bwanyu. Muhindukire nk'uko Ezekiya yampindukiriye. Abantu, ibyago bigiye kubasohoreraho kubera kutanyumvira. Bumva ngo ni ko byahoze. Nimuhindukire, nimunyumvire. Dore inkota yanjye yururutse yo kurya abanyabyaha. Abantu bashaka kwumva uko mvuga ntibashake gukora ibyo nkora. Hari ibyo ngiye gucucumira munsu y'ibirenge byange. Mwa nzu y'abagome mwe, no kurimbuka muzarimbuka. Abantu bakerensa ibyanjye batumva, bagashaka gutega amatwi ibyanjye badashaka kubyumva. Mumenye ko ntakorana n'abatumva ibyo barimo.

Nimuhindukire, mbateze ibiganza byuzuye impuhwe. Aka ni agahe natanze k'imbabazi. Muturane nanjye, umutima wanjye urashaka gutura muri mwe. Igihe cyo gukoza isoni no gutambagiza kiraje. Abantaye nzabakoza isoni. Hari umugabane w'abazaguma kwa Se, ariko inzererezi zizarimbuka. None ni kuki mushishikara kubiba imbuto mbi, cyagwa mugashishikara kuvanga imbuto mbi n'inziza? Mwibwira ngo nzabona inziza gusa?. Kandi birazwi ko imbuto mbi itera n'inziza kubora. Lero ntimwihende ngo nimukora ibyiza ku munsu wa mbere, noneho ku munsu wa kabiri mukararaza abandi, ngo nzakwitaho gusa ibyiza mwakoze ku munsu wa mbere. Mu kwizera no mu byo mukora, mugomba kuba abantu badahindagurika. Kandi, ukwo kudahindagurika, muzabihabwa n'imbaraga z' Ijambo ryanjye.



Ndabona muri bamwe ubwo bushake bwo gukora ibyiza. None ni kubera iki mutabigeraho ? Kubera iki bana banjye ibitekerezo byanyu bitabagumamo ngo mubigenderemo?: N'uko amasengesho yanyu aterekeza ku bushake bwanjye, ahubwo, yerekeza ku byo mwifuza mwebwe ubwanyu. Ibyo mwifuza ku giti cyanyu, nta mumaro n'umwe bimariye, ahubwo ikimfitiye umumaro n'uko mwifuza ko Ubwami bwanjye buza mu kwubahiriza amategeko yanjye. Icyo gihe, nzabaha umugisha atarukugirango mwirate mwishyire hejuru, ahubwo kubera ko mwagumye mu nzira zanjye.

Mukomeze mwicishe bugufi kuko mw'iherezo rya byose, ni njye nkora byose kugirango mube mugeze aho mugeze. Ndashaka ko buri wese yihererana nanjye, akambwiza ukuri, gutyo tuzabasha gusabana. Kuko nkeneye ukwo kuri kuva muri mwe. Musenga mumpimbaza kandi mu mitima yanyu harimo imibabaro. Musingaragarize hanyuma mubone mumpimbaze. Mujye muryaryana abwanyu ntimukandyadye si ndi umuntu nka mwe. Abo bapingayi bahagaze mu byanjye babeshya ngiye kubaruka. Abakorera ibihembo mu murimo wanjye ngiye kubigizayo. Abankorera by'ukuri ngiye kubahemba. Mwongere kwibuka kunkorera mufite urukundo. Bamwe banshimisha iminwa, ariko imitima yabo indi kure. Abandi bandutishije abana babo, abandi abagabo babo, abandi abagore babo, abandi abavandimwe babo, abandi bandutishije ibintu.

Nyamara mumenye ko nta mwizerwa yangana nanjye. Ndabazi kuko ari njye wabaremye. Ntacyo mwampisha kuko nsoma no mu mitima yanyu. Namwe musome mu yanyu mwimenye, mumenye nibyabananiye. Uwuzanesha, ni uwuzaba yaricishije bugufi akemera amakosa ye, kandi akanyura mu bigeragezo yicisha bugufi. Ni umuntu azahora yisuzuma kuri za Kamere ze. Uwo ni we uzimana ingoma yanjye nanjye ubuziraherezo. Kuko azabonera ububasha bwanjye mu mbabazi zanjye n'urukundo mufitiye. Mumbere umucyo bana banjye, mwigarurire isi, mwivangure n'ibibi. Ntimugaceceke imbere y'ibinyoma kuko



mufite Umwuka wanjye Wera kugirango mutandukanye amahame y'amadini mabi n'ameza, kugirango mumenye ubuhanuzi bw'ibinyoma n'ubw'ukuri. Uwutabibasha, ni uko atampindukiriye by'ukuri. Ntimugakurikire umuyaga, ubakira ubuzima bwanyu bwose kuri nje. Mujye mwibaza buri muni niba ari ugushaka kwanjye muriho murangura cyangwa ukwanyu. Mube abera n'abaziranenge kuko buri muni muba muriho mwiubakira ubuzima buzahoraho iteka ryose>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Yakobo 3 ; Matayo 25 ; Luka 7 na 12; 2 Petero 2 ; 1 Petero 1 ; 1 Petero 2, 2 Petero 1 : 2 ; Mariko 4; Matayo 16 : 24 – 28; Matayo 7 : 24 – 29 ; Abaroma 8 ; Zaburi 147; Imigani 3 ; Yesaya 12 ; Abagalatiya 5 : 16 -26 ; Abagalatiya 6; Yesaya 1 : 10-20; Zaburi 139 : 1-5, 23-24; 1 Yohana 4

24. MUHITEMO NEZA KANDI IBYO MUHISEMO MUBIHAGARAREMO NEZA

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “ Ubu, birahagije ko hari abantu bahora barira, bitotomba amanywa n'ijoro badatuza. Ko hari abantu bahora bahahamuka kuko ubuzima butababereye uko babutekerezaga. Nyuma bakampindukirira bazi ko ubwa mbere ari nje nabateye ayo magorwa yabo yose barimo. Ubwakabiri, bakampindukirira kandi bibwira ko ntacyo nshoboye ku mibabaro yabo. Ariko nje narabaremye, mbaha n'uburenganzira bwo kuyobora ubuzima bwanyu. Ni mwe mwigenga mu ngamba mufata, kandi amahitamo yanyu abafiteho ingaruka nziza cyangwa mbi. Agaba n'amashami akera imbuto ziyobora guhitamo kwawe mu minsi iri imbere. Zikayobora imyitwarire yawe n'ibyo ukora mu bo mubana no mu bo muhura bose. Umuntu wese afite mu biganza bye kazoza ke. Nimumara kwumva ibyo, ibyo mukora byose, muzabikorera kubona uhazaza he heza.

Ndi Imana So, kandi muri nje nta kwicuza kubaho. Kandi igihe cyose muri bugufi wanjye, ngwanana namwe kugirango



imigambi yanyu ibazanire ibyiza gusa. Kugirango mutazahava mwicyuza, kuko muri nje, ntakwicuza kubaho, ngo umuntu asigare yibaza ngo iyo mbimenya. Hagarika lero kwitotomba kwanyu kwose mube abubatsi b'ubuzima bwanyu. Ariko mumenye neza ko ibyo mwubaka byose ko mubyubakira kuri nje ko ari nje mbabereye umusingi. Ntimube abapfapfa ngo imbaraga zanyu muzimarire kwirukanga inyuma y'umuyaga. Ni muve mubyo murimo. Ndimu mbwira abo nkunda ngo bajye mu byanyije, Ubwami bwanyije buragarutse. Mugume ku birenge byanyije mube ariho mwiycarira. Uri hafi yanje azamvanaho ubwenge, Ijambo ry'ubwenge, n'umunezero. Mube abanyabwenge mu byo mukora. Nimukorana ubwenge n'urukundo, nanjye nzashimishwa no kubayobora. Kuko umunyabwenge antega amatwi agakurikiza ibyo mubwiye. Umuntu urangwa n'urukundo arankunda kandi nta kintu akora kinrwanya.

Musengere kubasha gusobanukirwa no guhitamo neza kugirango iyi si itabamira. Kandi mu kwizera no mu byo mukora, mugomba kuba abantu badahindagurika. Kandi, ukwo kudahindagurika, muzabihabwa n'imbaraga z'Ijambo ryanjye. Abantu bashakira iby'uwo mwanyu. Nkorera igihe, sintinda kandi sinihuta. Abantu baracogoye, babuze urukundo. Bananiwe gutegereza bariho baturaguza imitura. Abantu nabagize imizabibu none babaye indibu, barurira abandi. Abana banjye bagomba kurangwa no kuryohera abandi[>]. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Matayo 7; Abakolosayi 3; Mariko 12; 1 Yohana 4; Ibyakozwe n'Intumwa 7 : 24-31; Zaburi 22; Abaroma 13 na 14; Abakolosayi 3 : 1-17; 2 Petero 2; Yohana 16.

25. ESE KO UMWAKA UGIYE KURANGIRA , WARATEYE INTAMBWE MU KWEGERA IMANA ? NO MU KUYIKORERA ?

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
“ Nuko, umwaka ugiye kurangira, none harageze ko buri wese yisuzuma akamenya neza ibye uko byagenze,



ibyo yabashije kurangura, ibyo atabashije gukora cyangwa ibyo yakoze nabi. Wagendeye gusa mu kwihangana, warashakishije by'ukuri inzira yo gukiranuka?. Cyangwa wakomeje ibyo warugezeho, nta mpinduka nyakuri yakugaragayeho uno mwaka. Umuntu wese agomba kubona inzira yafashe anyegera. Agomba kubona impinduka nziza zamubayeho, agomba gusobanukirwa ibyo yize bishya kuri njye, kandi akamenya ko muri ino nzira ndende y'ubuzima, niba yarakoze intambwe nini ansanga. Niba udashobora kumenya neza ibyawe uko byagenze, n'uko uno mwaka ntacyo wankoreye, nta n'impinduka wazanye. Abahinduka kandi bakankurikira, ni bo bonyene bazazana impinduka mu Bwami bwanjye.

Ugomba kwisuzuma ukamenya neza amakosa wakoze n'ibyo wakoze neza, kugirango Umwaka utaha, ubifashijwemo na njye, uzabona ko amakosa yawe azagabanuka kandi ko utazaba ukiri imbata yayo. Birashoboka ko murandura muri mwe icyo gicye cyanyu mudakunda kigifitwe n'umwanzi. Icyo gice cyanyu kigaruka buri mwanya, mu gihe mwari muzi ko mwakinesheje. Bwaba uburakari, ukwikwegeraho, ububeshyi, irari, ishyali, urukundo rurengeje rw'ibiryo, irari rirengeje ry'ibiza, ubwoba n'ibindi. Ariko, ntushobora kubyikuramo rimwe na rimwe, bigenda bikuvamo buhorobuhoro. Niwisuzuma neza muri wewe, ukimenya neza, uzasobanukirwa neza ibisigaye muri wowe bigomba guhinduka. Kuva icyo gihe, tuzabasha gukorana, ariko, bizakunda ari uko buri wese anyiyeguriye by'ukuri. N'ukuvuga, nasoma Ijambo ryanjye akarishyira mu bikorwa. Kuko kubaturwa kwose kuzaturuka muri ryo. Ubunyangamugayo n'ubwenge bwose byuzuye muri ryo. Udasoma Ijambo ryanjye si uwanjye, ntanzi, n'ukuvuga ko atanankunda.

Guhinduka kwanyu guturuka mw'Ijambo ryanjye kuko ririmo imbaraga zihishe muri ryo ku wufite ubwenge bwo kubyemera no kurigenderamo akarishyira mu bikorwa. Ni muhamanya n'Ijambo ryanjye, muzasanga mwarahindutse. Kandi imirimo yanyu muzakora mwubahiriza Ijambo ryanjye izambara ibitambo nishimira.



Nyamara, mumenye ko igipimo kiri imbere yanyu, igipimo cyanjye kiraje. Iminzane yamanutse iraje gupima abishushanya, abanyamagambo, abajura, abasambanyi, abanyabinyoma, abanyamoko, abanyamashari, abanyenzigo, abankorera by'ukuri n'abankorera bambeshya. Iminzane iraje gupima ukwizera kwanyuu, urukundo rwanyu uko rungana. Kandi ku by'urukundo, Imana yambwiye ngo mbabwire ko urukundo rw'abantu rwakonje. Imana iraje gupima ukwumvira no kwubaha Imana kwacu uko bingana. Imana ije gupima ukwihangana kwacu, ukwirinda kwacu, ubwenge bwacu aho bugeze mu byayo. Iminzane yamanutse si iyindi ni ibigerageze. Uko ubinyuramo, ni ko kwerekana icyo uri cyo n'uko uhagaze mu Mana. Imana kandi yambwiye ngo mbabwire ko mukeneye imbaraga kuko ngo udafite imbaraga ze, ntazaca umutaru>>. Amen

Icyitonderwa :Ubu butumwa tugomba guhora tubutekerezaho uko umwaka utashye.

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Matayo 6, 7 na 17; Yokobo 2; Yakobo 3; 2 Timoteyo 3: 1-17; Abefeso 5 na 6: 10-24; Zaburi 73 na 133; 1 Yohana 2 na 3; Yobu 42.

26. UBUTUMWA BW'IMANA BWA 2011

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “Umwaka wa 2011, ni umwaka urimo kwiyoberanya gukomeye, ukwiyoberanya kurenze. Ababeshya Umwuka Wera nibatihana bararimbutse, bagiye kumera nka Ananiya na Safira. (Ibyakozwe n'Intumwa 5) Ariko ni n'umwaka nanjye mpagurutsemo kugendagenda mu mitima y'abana banjye. Ngiye gusubira gutoranya abakozi banjye nyakuri. Ni Umwaka wo kunkorera mu buryo butangaje. N'Umwaka wo kuba maso ku mugenzi uri mu rugendo. Uzahunikira azahura n'akaga. Ni mukanguke, mubyuke mube maso kuko muratunguwe, kandi



mugire ubwenge. Bamwe bakora basinziriye, bapfa gukora. Ni mukanguke mube maso, ubarwanya agendera mu mwijima. Urugamba rwarahindutse, namwe nimuhindure mumenye uko murwana.

Musengere iteka mu kuri no mu Mwuka, kandi mwambare imbaraga zanjye zibonerwa mw'Ijambo ryanjye riherekejwe n'Umwuka Wera. Ni Umwuka w'ibibazo, ariko ku bari maso ni n'umwuka w'ibisubizo. Hari abo ngiye guhagatira n'abo ngiye kujishura. Nkuko nakuye Ab'Itraeli muri Egiputa, ni ko ngiye gukura abakiranutsi mu banyabyaha. Nimureke gukomeza kwivanga n'abanyamahanga. Nimwivangure. Hari abasubiye inyuma iyo bavuye. Basubiye muri za kamere zabo za kera kubera kwivanga, ni zo bimitse. Ko nari narabagize uruzabibu rwiza, kuki mwera indibu ? Ni Umwuka nzishimira abakora neza. Abakora ibibi, indimi zabo zigiye kunyuranywa nk'izi Babeli. Abakiranutsi bagiye kugubwa neza, nayo abanyabyaha bagiye kugubwa nabi.

Nimwongere urukundo, urukundo rwarakamutse. Mwebwe abangana, inyungu zirimo ni izihe ? Mumenye ko aho urukundo ruri ni ho mba, ni ho nicyara. Aho rutari ndahahunga. Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro n'uwo kwezwa, kuko abatejeje batazambona.

Abantu bananiwe kwihanganira ibigeragezo, ni ho intege nke ziri guturuka. Mugire ukwihangana nk'ukwo mw'Itorero ry'i Simuruna. Ba kazuyazi namwe, mumenye ko Umuntu udakonje , ntabire, ntacyo amaze imbere yanjye.

Nimwubake ku Rutare, abubatse ku Rutare ni bo bazakomera. Ariko abiyobagiza, abagenda biguruntege, abagendera mu byo batazi, abagenda nk'abatagira ubwenge bagiye kurimbuka.

Nimushake Uwiteka bigishoboka ko abonwa. Ni igihe cyo gushaka Imana ku bari hafi, abari kure ntibazamubona. Muve mu bujiji n'ubutamenya. Igihe cy'ubujiji kirahise. Jye Uwiteka



nshaka gukorana n'abahanga, sinshaka injiji mvuga ntibumve, ntuma ntibatumike. Abanyumvira bagiye kurabagirana bakure abantu mu mwijima.

Mwiboneze, utaboneye ntazakorana nanjye kandi ntazambona. Mushake Ubwami bw'Imana no gukiranuka, ibindi ni inyongera. Ni bake babikora. Abantu bahugiye ku bintu no ku by'umubiri wabo>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Abagalatiya 5 : 19-21 ; Abaroma 10 : 1-10; Hoseya 12 ; Ibyahishuwe 21 et 2; Abalewi 26 : 3-13; Abaroma 8 : 28 ; Abafilipi 4 : 5 ; Hoseya 12 ; Igitaabo cya Rusi

27. MUBE ABASILIKALE BABAREYE UMURIMO WO GUTEGURA UMUZO W'UMWAMI YESU.

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
“Ubu butumwa bugenewe Ubwoko bwanjye, bwo naho nabuhaye ubutware ku bintu byose, bushishikara kwumva ko butwagwa na byo, kandi bakababazwa n'uburemere bwabyo. Ubwoko bwanjye bugomba guhagarika kwiyobora bukantega amatwi. Ubwoko bwanjye bugomba guhaguruka nk'abasirikare bugafata isi bukayiyobora kuko ni iyanyu. Mugomba gutekereza ku ntego y'ubuzima bwanyu. Ubwoko bwanjye bumariye iki ? Mushyiremo imbaraga zose kugirango mugere ku ntego y'ubuzima bwanyu. Ubushake bwanyu mubunyegurire, noneho twicange, kuko nta na kimwe nabasha kubima kugirango mbanezereze. Kuko umunezero wanyu ari uwanjye. Nshaka buri wese mu kibanza cye, icyo namuteguriye, icyo namuremeye. Kandi nshaka ko umutima wa buri wese umpindukirira wejejwe, utagatifuje. Ibyo bintu bibiri nimubyubahiriza, ni ho muzambara abasirikare, ni ho muzakorera ubwami bwanjye, mukagira uruhare rukomeye mu kugaruka kw'Umwami Yesu-Kristo. Mugomba kureka gukomeza guhubangana no kugira ubwoba imbere hazaza hanyu n'ingamba mufata kuko ibyo bituma mudatera intambwe mujya i mbere.



Mukomeza kwiyo bora mu bitekerezo byanyu. Muhora mwibwira ngo ngomba gukora kino cyangwa kiriya. Ikibazo cya mbere mugomba kwibaza, ni ukumenya niba umuyobozi wanyu na we aribyo ashaka kuko musangiye inshingano na Yesu-Kristo. Mugomb kuba muri kumwe nawe kandi mwiguye kuyoborwa na we. Niba mutujye ibyo byangombwa bibiri, muri mu mubare w'inzererezi. Muri mu mubare w'abatazumva impanda kandi bari ku rutonde rw'abazamuka. Mwisuzume kugirango mumenye niba koko muri ku rugamba. Uzuza isi urukundo ni wo murimo wanyu.

Ndaje, nimukorane umwete, ishyaka n'ubwira. Abenshi bacitse intege, abandi baza bakurura ibirenge. Abakurura ibirenge ntibazambona. Mwiyoongeremo izindi mbaraga z'ubutwari. Abari intwari baracyogoye. Abantegereje, ni bo bazambikwa imbaraga, nibo bazanesha. Dore ndaje. Dore ndiyiziye. Nabohereje abahanuzi, nabohereje abavugabutumwa mwanga kubumva. Ijambo ryanjye mwariteye umugongo. Mwahindukiriye abantu n'ibintu. Abantu bariho batoragura ntibariho bampanga amaso. Mugire ukwizera gushyashya. Utizera ntanezeza Imana. Ibyo mukora byose mutagira kwizera ntibingeraho.

Ndi kubara abantu banjye nkababura, banteye umugongo. Nezezwa n'abafite umutima unshaka, bagambira bagasoza. Nezezwa n'abakora ibyo nshaka. Bamwe bakora ngo bagaragare, inyungu zabo ni zo bakorera, ni zo bashyize imbere. Abantu banjye babaye inyangaguhanwa. Bongere biyuzuze nanjye bundi bushya. Bamenyerereye ibyanjye kandi ibyanjye ntibimenyerwa. Abenshi ni impumyi, abandi bakorera mu mwijima. Hariho abatarihana neza ngo bagere ku musalaba. Abenshi bameze nk'abari mu nzu y'imbohe. Benshi bari kurwana ariko ntibazanesha, kuko barwana badakijijwe. Abenshi bari mw'isiganywa ariko ntibazanesha kuko badakijijwe, batazi n'iyi basiganirwa. Ni mukomeze inzira y'ukuri n'amahoro, Ndi Uwiteka, niyemeje kubana namwe nimwabana nanjye. Niyemeje kubakorera nimunkorera.



Niyemeje kubana n'urubyaro rwanyu, niyemeje kuba mu gihugu cyanyu no mu miryango yanyu, ni muba mu Mwana wanjye Yesu-Kristo>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Abefeso 6; 1 Abakorinto 13; Nehemiya 2; Ezekiyeri 13; Malaki 3; Luka 2 na 12: 13-21; Itangiriro 32; Abakolosayi 3; Abaheburayo 12; Abaroma 11; 1 Abakorinto 2: 1-6; Yohana 16: 4-8; Yobu 22: 21-30; Zaburi 125; Zaburi 23 na 123.

28. IMANA IRATWIBUTSA KO ARIYO MANA IMWE RUKUMBI KANDI KO ARIYO YAREMYE BYOSE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “**Muneshereza mu bitekerezo kandi mu bitekerezo ni ho munesherezwa** Ubu butumwa bugenewe abantu bo mw'isi yose. Ni ubutumwa butangariza bose ko “**Ndi Imana imwe rukumbi, kandi ko ariye Mwami w'ibiriho byose, ibiboneka n'ibitaboneka, kuko arinjye wabiremye**”. Mutakaza umwanya munini muriho muribaza ku buzima, kubera iki?, gute?, kandi mu by'ukuri nta gisubizo muriho mushakisha. Ni ibitekerezo bidafashe muriho musimbuza ikigenga kikayobora ubuzima bwanyu. Ndarya iki? Ndakora iki ku mugoroba? Ntabwo ibyo bibazo byanyu mubyinjiza mu bwonko bwanyu ngo mufate umwanya munini wo kubitekerezaho neza. None se mubona mwakwizera kubibonera ibisubizo gute mudafata umwanya ukwiriye wo kubitekerezaho?. Ubu butumwa bugenewe abemera n'abatemera. Aba mbere, banezerezwa n'ibyo bamaze kugeraho, ntibifuze guhora batera intambwe, noneho bagatuma imirimo yanyje iba mito, simbashe gukora ibyo nashaka gukora. Kuko ndi mukuru, nsumba ibyo umuntu ashobora gutekereza byose.

Hamwe nanjye, mushobora byose muri mwe. Ikibazo, ni uko umwanya mumpa muri mwe ari muto. Ikibanza kinini mwacyihereye ugushidikanya, kwibaza ku ahazaza hanyu, ibitekerezo byanyu ni ibyo kwihugiraho. Aho ngomba kwicara nk'Umwami, ni mu bitekerezo byanyu, ni mu mitima yanyu,



kuko ndi uruhande rwiza muri buri muntu. Ndi imbarutso y'imbabazi, kuko muri iyo mibanire, ni ho ibyo naremye byose byisobanurira. Ndi urukundo, ndi imbabazi, ndi impuhwe, ndi umuzira nenge, ndi ubwenge, ndi ubwitonzi, nishyira mu mwanya wanyu, nkabumva mwese, ndi imbabazi n'ibyishimo.... Ndi byose, kandi ndi kimwe kimwe muri ibyo byose. Munshake muzambona kuko mbera hose icyarimwe. Ntabwo mushobora kumbura. Mu mbe bugufi, mu bitekerezo, mu mvugo no mu ngiro, mbasukire ku mbaraga zanjye. Igituma abantu bananiwe, ntibari bugufi bwanjye, nta mbaraga zanjye bagira. Ngiye kwururuka gushimira no kugaya. Dore abantu banyise mubi ntari mubi. Bavuga ko batambona kandi bambona. Ineza yanyu igaragarire bese. Nje guhemba, kandi abadakonje, ntibanabire, ntibazahembwa. Muhagarare ku ntego y'ubuzima bwanyu, ni ho umugambi w'Imana kuri mwe uzabahishurirwa. Nimugendera mu mugambi wanjye, muzanesha>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa : Yohana 10 ; Zaburi 82 ; Abafilipi 2 :1-18 ; Mariko 13 : 12-18 ; 2 Abakorinto 13 ; 1 Timoteyo 13 ; Abaroma 14 : 22-iherezo ; Abaroma 10 : 5- 12 ; Iyahishuwe 3 : 20

29. UBUTUMWA BW'IMANA BWA 2012

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “ Umwaka wa 2012, ni umwaka urimo kugwa kw'abantu benshi. Kandi, kugwa kwabo kugiye gushyayishya benshi. Muri uno Mwaka, abantu bagiye kwiyoheranya. Abantu bagiye kunshaka ariko banyuze mu nzira itariyo, inzira ntazabonerwamo. Mwiymbure imitwaro yose ibaremerera. Ntawunyura mu nzira ipfunganye atengase.

Nahamagaye benshi ariko abankorera by'ukuri ni bake. Nyamara abankoreraby'ukuri, nibo ngiye gufasha. Abatankorera by'ukuri, ngiye kuba kure yabo.

Abantu bamwe bagiye kwonwa. Mumenye ko atari igihe cyo



kudamarara, nimwihute mwitegure mutazajyana umugayo cyangwa amadeni mulimo Imana n'abantu, mukabura ijuru . Umuntu wese azagororerwa ibyo yakozwe. Ku bankunda, ni igihe cyo gusubizwa. Abankunda, bagiye kugirirwa neza nanjye. Abazubaka ku Rutare, ni bo nzasakarira>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe nezan'ubutumwa: Abakolosayi 3 : 1-17 ; Imigani 2 , 3 , 4 ; Igitabo cyose cya Yobu

30. IMANA IDUHAMAGARIYE KUGIRA UBUNTU

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “ Ubuntu, ni ukwibwira kandi ukemera ko undi muntu, yaba umuturanyi wawe, yaba umuboyi wawe, yaba umukozi wawe cyangwa umugaragu wawe, yaba umwanzi wawe, yaba umugabo cyangwa umugore ukubura mu muhanda, yaba umuhereza uguhereza ifunguro, ko bafite amarangamutima nk'ayawe, kandi ko bashobora kuba bafite umutima woroshe kurusha uwawe. Kugira ubuntu, ni ubwo bushobozi bwo guhora uvugisha abantu neza, ukababwiza ubugwaneza. Gerageza guhorana ibitekerezo byiza ku bantu bose, kugirango mbashe kwicara nk'Umwami mu mitima yanyu. Nimufashanye, kuko mwese muri ibyaremwe byanjye, kandi mpamagariye buri muntu naremye kumpa ikibanza mu mutima we. Mube mukwiriye kwitirirwa Izina ryanjye, kandi ubu, ndashaka ko ikimenyetso cyanjye kibabaho, na cyo, ni **“urukundo”**, kandi ni rwo naje kubaha. Nimukundane, kuko ahari urukundo, nta kibi kiharangwa. Ikibi, nta kibanza kiba kigifite. Abantu benshi bashobora guhakana ukwemera kwawe, bagahakana imyizerere yawe, ariko, nta wabasha guhakana imbuto z'urukundo rwawe. Kuko, muzanzanira benshi, muzahindura benshi ku bw'imirimo myiza mukora. Mureke ndabiyoborere, kugirango buri wese asoze ubushake bwanjye.

Ubu, ni ubutumwa nguhaye, bwandike kandi ubuvuge, ubuvuge kandi wongere ubuvuge kuko kubohoka kw'abari



mw'isi kuraje, kandi uzabirebesha amaso.

Nta mategeko menshi nabahaye, mw'iherezo rya byose, nabahaye itegeko rimwe risa : **«NIMUKUNDANE»** . Kunda buri muntu nk'umuturanyi wawe, nk'uwo mubana, nk'incuti yawe. Mwubahe, umufate nk'uko nawe wipfuzako abandi bagufata. Amasengesho mukora mutagira urukundo, ntabwo nyitaho. Imbuto mugomba kwera, ni iziturutse mu urukundo. Mube indorerwamo z'uburyo Yesu- Christo ameze. Nuko, nabasigiye Umwuka wanjye Wera ngo ubayobore, ariko, aho kwemera kuyoborwa na wo, muhera mu mico n'imiterere yanyu yo mw'isi, mukibagirwa iby'umumaro biruta byose.

Mukundane, muzagendera hejuru ya byose kandi muzashirwa hejuru. Mukundane ikibi kizahunga, Mukundane muzasa nanjye

Urukundo, ni rwo rubashoboza kubabarira. Ni mu gusaba imbabazi, mu kubabarira abandi, no mu kwibabarira mwebwe ubwanyu, muzagera ku rukundo nyakuri rutagirira inzigo n'inzika abandi. Niba kuva ubu, umutima wawe utarimo urwango, ishyari, inzigo, gusebanya n'ibindi bibi nk'ibyoyi, umutima wawe uzuzura urukundo. Kandi kuva ubu, muzagira ibitekerezo byiza kuri buri muntu muzahura.

“NIMUKIZE IMITIMA YANYU”

Genda ubabwire ko unkunda akunda abandi. Uwamamaza izina ryanjye asabwa gukunda abanjye. Ntabwo wakunda Ijambo ryanjye ukansenga ufite uwo utanezererewe, ufite uwo ufiteye ishyari. Kandi ishyari ntushobora kurigirira uwo mutabana, uwo mutari kumwe. Bana banjye, ndababwira ko urukundo rwonyine ni rwo ruzabakiza, ukuri kwonyine ni kwo kuzababakiza, kandi, imbabazi ni zo zizababakiza. Nimwemere kandi mwizere ko nazanywe no kubakiza, ntazanywe no kubacira urubanza, namwe mugirire gutyo abantu nkamwe. Yesu yaragutsindishirije akugenera kuzaba mu Bwami bwe, kuko yagutoranije akaguhamagara.



None, nawe, ubu, ibaze icyo uri gukora kugirango Ubwami bw'Imana buze kuri ino si, kugirango abantu babone Agakiza, noneho Umwuka Wera uzabe ariwo ubayobora. Kuko, ubutumwa bw'Imana Yesu yazanye mw'isi, ni ukubwira abantu ngo " Nimukundane ". Iri, ni ryo tegeko rizahindura ubuzima bwawe, noneho n'abandi bahindurwe n'urukundo rwawe, nabo bamenye urukundo, bazabashe gukunda ibyaremwe n'Imana byose>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: 1 Abakorinto 13 ; Abafilipi 3 ; Abefeso 6 ; Matayo 5, 6, 7 ; Abagaliya 5 : 22 ; Yakobo 2 ; 1 Petero 3 : 8-12 ; Abaroma 4 ; abaroma 12 ; Abaroma 8 : 28-30.

31. UBUTUMWA BUGENEWE ABAGORE

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “ Mube maso hatahira ibibi bibinjirana. Mwihane, mwiyeze, kuza imbere yanjye ntimukaze mubigira umuhango. Muje muza kunsanga mwejejwe, abaje bejejwe nzabatabara. Imbere yanjye naho gukirira si aho gupfira. Ababyeyi nimube maso munyegere, nanjye ndabegereye. Musengere abana n'abatware banyu. Mube maso, musengere abana banyu b'abasore, Satani agiye kubatwaza igitugu, kandi abazagenda ntibazagaruka. Abazasigara ni abazasengerwa. Nimugabanye ibiryo musenge. Ni mube maso muririre igihugu nanjye nzabatabara. Ndabizera ko mwabikora. Ndi Uwiteka yavuganye namwe, kandi impfundiko ni iyanyu. Mumenye ko Itorero ari abagore, kandi igihugu nagishyize ku bitugu byanyu. Abagore nimugire ububyutse mubere maso ingo zanyu, Itorero ryanjye, n'igihugu cyanyu.

Nimukore ibiterane by'abagore, ni muve mu bunebwe mbatabarire igihugu. Abo nemeye ni abagore. Nimwiteho umurimo wanjye, mugire urukundo, muharanire gukora imirimo yo kwizera, mube maso dukorane. Abumvise ano



magambo, nimuyakwize hose mbatabarire igihugu. Abagabo n’abasore ntibabishobora, abagore bonyine ni bo babishobora. Musengere ubugingo bwanyu, musengere imitaka yanyu. Ibicumuro by’inyongobezabugingo bigiye gusingira bamwe mwirinde. Munyegere mube maso>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n’ubutumwa: Musome igitabo cya Rusi cyose, igitabo cya Estelle cyose, 1 Samweli 25; 1 Abakorinto 7 ; Abefeso 6 : 1- 9 ; Abacamanza 4 ; Abefeso 5 : 22-33 ; Imigani 10 : 4

32. UBUTUMWA BW’IMANA BWA 2013

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo **ati:** “Abantu nibave mu byo barimo, nibivangure. Abantu barivanze, abandi bameze imvi z’urutarutaru. Hari abazi ko bemewe kandi batemewe. Mumenye ko Ijuru ritwaranirwa kandi ko intwarane zirigishamo imbaraga. Mugire umwete wo kunkorera. Abantu hakugirango bankorere, bahora bazana impamvu imbere yanjye. Nta mpamvu nemera imbere yanjye.

Muri uno Mwaka wa 2013, nzakorana n’abamaze kunesha ibibi, sinzakorana n’abaneshwa. Hari abo ngiye kugira igishoro cy’ibyanjye, kandi nzakwunguka. Mube hafi yanjye kuko umucyo wanjye uraje, kandi ugiye kumurikira abari bugufi bwanjye. Muntabaze nzabatabara, mukomange, nzabakingurira. Uko mugambirira ibyiza mukorera abana banyu, ni ko nanjye mbikorera abakozi banjye.

Mube maso musengane umwete, kandi mwirinde kureba iby’abandi, kuko ngiye kugororera abankorera by’ukuri, nje kubaha ihumure, nje kubasimbagiza nk’uko umubyeyi asimbagiza umwana we; nayo abandi bagiye gukorwa n’isoni. Nje kwerekana indyadya, abo biyoberanya, abishushanya mbashire ku mugaragaro>>. Amen



Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo
dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Hoseya 6, 7, 8 ; 2 Timoteyo 3 : 1-5 ;
Itangiriro 6.

33. IMANA IDUHAMAGARIYE GUKANGUKA

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo
ati: “Bwira abantu banjye babe maso bakanguke iminsi
ni mibi. Satani agambiriye guteza imvururu muri ino si.
Yamaze kwigabiza ingo za benshi abateza ubukene, umwiryane,
ibihombo. Mwicanira mu mitima yanyu, mwahukanira
mu mitima yanyu. Mumenye ko Satani nta kindi agamije
atari ukuvusha umwana w'umuntu ubugingo buhoraho.
Rangurura uvuge abantu bakanguke dore basinziriye ibitotsi
byo kubica. Hari abasinzirijwe n'ubukene, abandi basinzirijwe
n'umurengwe, abandi basinzirijwe n'inzara y'iby'isi, abandi
basinzirijwe n'iby'ubahiro, dore basinziririye mu bunebwe,
dore basinziririye mu byaha. Mw'isi murateshuka, ariko
nimwisuzumire imbere y'Imana mwihane. Nimushakishe
kwera nka njye, kuko abatejejwe batazabona Umwami Imana.
Muraneshwa muri byinshi kuko mutari maso. Nimube maso
munyegere.

Mwireba mw'isi, isi iratembana benshi. Isi irabihakanye. Kandi
dore ndaje abanshaka barambona. Abanshaka ni bugurure
imitima yabo kuko ndaje mbaturemo. Kuki mutumva ubugari
bw'urukundo rwanjye, mutumva ko ari njyewe muremyi
wa byose? Kuko uyaba mwari mubizi, ntabwo mwatekereza
nk'uko mutekereza. Ahubwo mwanyiringira mukampishurira
byose. Nsoma mu mitima yanyu n'impamvu z'ibyo mukora
kuko ntacyo mwashobora kumpisha, ariko mufata umwanya
n'imbaraga zo kubihisha abandi, mukibagirwa ko Imana
itabeshwa. Kuki mwantaye mutakinyizera ? Ko ndi kumwe
namwe, nigeze mbahemukira ? Ese ndi umuntu ku bwo ibyo
mwibwira ? None se kuki mufite ukwizera guke ?



Ndi Imana kandi ndiho uwaremye umuntu mw'ishusho ye. Ndi Imana iri uko yahoze, kandi ni ko nzaguma simpinduka. Ndi Umwami ubatabaye ku rugamba. Mumara umwanya wanyu mushidikanya kuri kazoza kanyu, kw'iherezo ry'ibyo murimo. Muhorana ubwoba bwo gutera muja imbere no guhangara ubuzima. Muharanire kunyurwa n'uko muri. Ni igihe gito ngo abatoranijwe baherere mu kuboko kwanjye. Mwebwe ikibazo mufite, muririra umubiri aho kuririra ubugingo. Niba unyizeye, menya neza ko ndi kumwe nawe. Kandi ku baharanira gukora ibyiza bagahora bakora ubushake bwanjye nje kubarwanirira. Mugire urukundo, muharanire gukora imirimo myiza yo kwizera.

Hungira ku musozi ingabo za Farawo zirahagurutse kurwanya Abany'Istraeli. Abanyistraeli bamaze kunyibagirwa bahuye n'akaga. Mungarukire mureke kwihugiraho. Nje gusobanura ibidasobanutse, ibyababereye amayobera. Mumpungireho mubone uko mwambuka mbakureho umuvumo, mbagirire neza. Nje kuvura icyavunitse, nje guhoza abarira. Muhore mukenyeye mu mitima yanyu nje kubabohora. Mukenyere ukuri kandi amatabaza yanyu ahore yaka. Muhore mwibuka ko Ijuru ritwaranirwa kandi ko intwarane zirigishamo imbaraga. Ntugakore icyo umutima wawe utemera. Ntukabereho kurebwa n'abantu ahubwo beraho njyewe. Ntugashyarike abandi kuko uri kure yo kumenya imitima yabo n'ibibahagaritse imitima. Rinda umutima wawe kurusha ibindi byose birindwa kuko ni ho haturuka ibitekerezo bibi. Mwambare imbaraga mu budasa bwanyu. Ntimukibone, ahubwo muhore muca bugufi. Nimungarukire muce bugufi, mbabarira unsabye imbabazi. Mubabarirane hagati yanyu kandi buri wese yibabarire kuko ntura mu mutima uri mu mahoro.

Nimurekeraho kunyendereza mwihane kandi mwihanire kureka. Nimukomeze inzira yo gukiranuka no kwicisha bugufi. Mugane aho mugomba kugana. Munkurikire mutareba inyuma. Abarebye inyuma narabasize. Ndashaka amavuta



muri mwe. Nkeneye abagabo, abagore, abahungu n'abakobwa b'abanyabwenge. Abapfapfa bagiye gukingiranirwa hanze. Nkeneye abera imbuto, imbuto ni nke, amagambo yabaye menshi. Ni igihe cyo guhanjuzwa. Mu murimo ni ho amavuta abonekera.

Nimutangarize bese Agakiza. Umuntu yamenye Agakiza ntakabwire abandi ngo bakizwe azahemberwa iki? Azatahukana Zero. Ni muhaguruke mukorere Imana izakorana namwe kuko Imana ikorana n'abakora. Kandi izagendana namwe kuko Imana igendana n'abagenda. Imana ntikorana kandi ntigendana n'abicye. Kandi, mumenye ko abazakora neza mu murimo wanyije ko bazakoreshwa, nayo abiyobagiza bazirukanwa. Ku bw'ibyo, mukwiye gusubiramo amasezerano twagiranye.

Abantu bariho bibwira ngo barankorera kandi atarinjye bakorera. Mwirinde gukorera inyungu zanyu. Hari abashaka gukorera inyungu zabo, nyamara ni zo bazatahira. Abankorera by'ukuri ni bo bazabona ijuru, nayo abambesha ntibazabona mu maso hanjye. Kandi izo ndyadya n'ababeshi ibyabo nta mwanya bizamara, ibyabo bigiye kuja ku mugaragaro. Abantu bagiye kubona akaga kuko bifuriye abandi ibibi. Uwasabiye abandi umuvumo ni we ugiye kugeraho. Abakunze ubugome ngiye kubaha ibyo basabye babisabira abandi, kandi uwasabiye abandi ibibi byinshi agiye kubibona we ubwe. Uko yabisabye ni ko azabibona.

Urukungu nje kurusobanura mu masaka. Nje gutandukanya abera n'abatera, nje gusobanura intama mw'ihene. Nje kuriza no gusetsa, nje kwimura no kwimika. Hari umugabane w'abazaguma kwa Se, ariko inzererezi zizarimbuka>>. Amen

Imana idusabye gusoma aho magambo arimuri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Imigani 10, 11, 12; Matayo 5 ; Yohana 18 : 7-9; Abaheburayo 5 : 11-14 ; Yohana 14; Matayo 25 : 1-13 ; Matayo 7 : 1-12 ; Matayo 6 : 5-14 ; Mariko 7 : 22-23 ; 2 Abakorinto 7 : 9-10; Yeremiya 8 : 18-20; Yeremiya 7 : 8-11; Yeremiya 25 : 4-11; Yesaya 43 : 10-



13; Matayo 10 : 32-33; Matayo 7 : 15-23; Yohana 14.

**34 . MUSENGE KANDI MUGUME MW'IJAMBO RYANJYE,
ISAHA Y'IMPANDA IRAGEZE**

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati: “ Ndi Imana ya Isaka na Aburahamu. Sinigeze mpinduka, kandi sinzigera mpinduka. Ubu butumwa bugenewe ubwoko bwanjye. Igihe cy'Impanda kirageze. Ni igihe cyo kunshakana umwete. Ni igihe cyo kungira uwa mbere. Kuko umugabo cyangwa umugore, hamwe n'abana, imigambi hamwe n'incuti ufite, si jye wabiguhaye ? None ni gute biza imbere y'Imana yabibahaye? Mwicishe bugufi muri byose, kandi ntimwibagirwe ko itegeko rya mbere ko ari ukunkunda n'umutima wanyu wose n'ubwenge bwanyu bwose . Kandi kunkunda mukandutisha byose na bese, bigaragazwa n'umwanya mumpa. Murashaka gutera imbere gute ata mwanya mumara imbere yanjye ?. Nimusenge, nimusenge, mumpimbaze kandi mungarukire. Imitima yanyu iri kure, yatwawe n'ibibateye ubwoba, yatwawe n'irari ribabamo, yatwawe n'icyubahiro cyanyu muri kwishakira. Bari hehe abiheba bakitanga ?. Mwiye bagirwe nzabibuka. Ntimukikunde mu ngamba mufata. Mujye muhitamo ubushake bwanjye. Ni iki nakora kandi ? icyakora, ibyo bisaba ko muba munzi kandi ndi mw'Ijambo ryanjye. Kandi abazaguma mw'Ijambo ryanjye nanjye nzabana nabo. None se mwibaza ko mwatura mw'Ijambo ryanjye gute ?

- **Mu kurisoma** kandi mukaryibwira amanywa n'ijoro. Ijambo rizahoraho iteka ryose kandi ni ryo ribamenyesha ubwiza bwanjye.
- **Mu gusenga, mu kwiiriza ubusa** (mufate urugero kuri Mose, Daniyeli, Nehemiya, Umwami Yesu n'abandi),
- **Mu gushira mu bikorwa ibyo Bibiliya ibasaba gukora.**



35. UBUTUMWA BWA 2016

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
“Umwaka wa 2016, ni umwaka urimo inzara. Ni umwaka urimo impfu nyinshi . Amaraso menshi azameneka kubera impanuka. Abantu bari kugenda basinziriye abandi bahumirije. Bagiye kuva k’Uwiteka bagushijwe n’ibisubizo, abandi n’amasezerano yatinze, abandi n’ibigeragezo, abandi n’ibigezweho. Abagumye kwa Se bazagororerwa, ariko inzererezi zizarimbuka. Ijwi ryanjye rigiye kuba ingume kuko bamwe barambeshera>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo
dusobanukirwe neza n’ubutumwa: Yesaya 64 : 1-11, Yeremiya 17 : 13 ;
Yeremiya 17 : 1-10 ; Ezekiyeli 6 : 8-10 ; 2 Ngoma 15 : 2 ; Zaburi 6 : 18 ;
zaburi 10 : 3 ; Zaburi 16 : 4

36. IMANA IDUHAMAGARIYE KUYIKORERA HAKIRI KU MANYWA (Yohana 9 : 4-5)

Uwiteka Imana yacu atuvugishije muri aya magabo ati:
“Mugire umwete wo kwezwa no gutunganya ubugingo bwanyu. Ibyaha byabaye byinshi mwihane. Muravuga umugisha kandi nta wuhari. Hari ibyiciro bitatu by’abantu biri kubabaza Imana :

- 1) Abanyamadeni
- 2) Abagambira ntibasohoze
- 3) Abaretse umurimo w’Imana

Abagisenga uko nshaka, mufate ibihe byo gusenga mwishinganishe kandi muririre Itorero ryanjye. Abazaririra Itorero ryanjye nzabaha umugisha. Hari abagiye kubura ubugingo, abandi bagiye gupfa kuko barambitse ibyanjye none bameze imvi z’urutarutaru. Erega na Efurayimu yivanze n’andi mahanga yahora ankorera. Mwirinde mutazaba ab’inyuma. Ab’imbere bagiye kuba ab’inyuma. Mumpe agaciro n’ibyanjye



mubihe agaciro, nanjye nzabaha agaciro. Uko nari meze kera ni ko nkimeze n'ubu. Simpinduka si ndi umuntu. Ibitangaza n'ubu sinsiba kubikora, ikibazo n'uko abantu batabona. Abajya mu byanyije ngo babarebe, abandi bakabijamo nko kurangiza umuhango baragowe. Abandi bari gukora nk'uko Sawuli yakoraga batakiri kumwe n'Imana, Imana yarimutse. Abantu baransuzuguje ngo navuze kandi ntavuze. Ndaje kwikorera umurimo wanjye kuko bawutesha agaciro.

Hari ibintu bigiye guhinduka. Munshakane umwete bigishoboka ko mbonywa. Agacu karakubye, imvura igiye kugwa. Munsabe imitaka. Mwihangane munkorere kandi muvuge ibyo mugomba kuvuga. Mube maso ngiye gucyura umugenzi. Muririre abanyu bataramenya. Iminsi ije si myiza. Abanjye nzabarinda. Ndi Imana ishobora byose. Uko nakuye Abistraeli muri Egipta, ni ko mbasha gukura mw'isi nkajana i Kanani. Mwirinde kandi muhore mukenyeye, kandi amatabaza yanyu ahore yaka. Bwira abantu bakenyere bakomeze. Mukomeze musubire mu mweko, kuko umuntu akenyera agiye kugenda. Muhore mukenyeye, amatabaza yanyu yongere yake, umukwe araje>>. Amen

Imana idusabye gusoma ano magambo ari muri bibiliya ngo dusobanukirwe neza n'ubutumwa: Zaburi 4 : 3 ; Ezekiyeri 39 : 6-7, Ezekiyeri 39 : 27-29 ; Umubwiriza 9 : 10 ;



IGICYE CYA III : UMWANZURO



Ndizeye ntashidikanya ko uwuzasoma kino gitabo wese ko azamenya ibyo agomba gukora ibyaribyo kugirango ahinduke ave muri kamere y'icyaha. Ubu butumwa butugaragariza ko imirimo yo kwihana, gusenga no gusoma Ijambo ry'Imana bishingiye ku kwizera guhamye, bigakorerwa mu rukundo ko ari yo nzira yonyine izatugeza mw'ijuru. Guhinduka kwose gushingiye kuri iri hame. Kandi utazahinduka ntazabona Umwami Imana. Rick Warren muri cya gitabo cye yanditse cyitwa ngo : “ Ubuzima bufite intego “ ni we yavuze ngo : Nitwapfa, ntituzajyana n'imitungo twashakiye muri ino si, tuzajana n'imyitwarire yacu. Uko umuntu ameze, uko atekereza ni ko azagaragara imbere y'Imana.

Nuserukana ingeso nziza n'ibitekerezo byiza by'urukundo imbere y'Imana, uzakizwa. Ariko nuserukana ingeso mbi z'ubusambanyi, ubujura, ubwicanyi, ububeshi..., ugaserukana ibitekerezo bibi by'amashyari n'inzigo, ubugambanyi no gucira abandi imanza..., uzarimbuka. Uwo uzaseruka usa na we, ni we uzegukira. Nuseruka uri Uwera, Imana izakwakirana



icyubahiro. Imana irera, iraboneye. N'abafite ibyiringiro byo kubana na Yo bagomba kwiboneza nk'uko iboneye. Muri ubu buzima, tugomba kumenya intego dukurikirana iyari yo. Imana yaduhamagariye kwera, ntiyaduhamagariye kwandura.

Ni cyo gituma umunsi ku wundi, tugomba guhora twigizwa imbere mu ngeso zacu nziza, tugomba guhora dutera imbere mu mitekerereze yacu myiza. Tugomba kubiharanira kandi tukabigeraho. Tureke gukomeza gukinisha ubuzima, tubukoresha ibibi by'ubwoko bwose ngo twibonere amaronko aduhesha kunezereza imibiri yacu gusa. Imana yaratubwiye ko iby'isi yabiduhaye kugirango bitubeshaho, ariko si yo maherezo. Ikibazo kiri kuri benshi, ni uko iby'isi ari byo bagize intego y'ubuzima bwabo, bikaba biri kubabuza kubana n'Imana. Kandi turabizi ko umukunzi w'iby'isi ko ari umwanzi w'Imana nk'uko Ijambo ry'Imana ribitubwira muri **(1 Yohana 2:15)**.

Ndabinginze, uwumva yarakiri mu mikino, agarukire aho yarageze. Mwese murabizi ko utazabanira n'Imana mw'isi ko atazabanira na Yo mw'Ijuru. Nusoma buno butumwa ukabwitondera, uramenya ikiruta ikindi, kandi uramenya icyo gukora icyari cyo kugirango utayoba inzira izakugeza mw'Ijuru. Ntukigire sindabibazwa na ntibindeba, ntukiyobagize, kuko abiyobagiza bazarimbuka. Ntukange kwumva Imana ivuga, kuko intabwirwa zizabwirwa n'uko amaso atukuye atako zikibigira. Ijambo ry'Imana muri **Yesaya 55 : 2-3**, riratubwira riti : “ Mutege amatwi muze aho ndi munyumve, kandi mugire umwete wo kunyumvira, kugirango ubugingo bwanyu bubone kubaho. “

GUKINA BIRARANGIYE, NI KO UWITEKA IMANA YACU AVUGA. AMEN

Umwirondoro

Iki gitabo, cyanditswe na Nyakamwe Christine. Navukiye i Burundi, taliki ya 25 Mata 1954, ahantu hitwa i Mugera, mu Ntara ya Gitega. Nize amashuri abanza n'icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru aho nyine i Mugera.

Icyiciro cya kabiri cy'amashuri makuru nayize mu Bukeye no mu Rutovu, mu mashuri nderabarezi. Nize muri Kaminuza y'i Burundi, mu ishami ry'ubumenyi bwo kwigisha. Nabonye impamyabumenyi yo kwigisha abigisha mu 1981. Nubatse n'Umutware wanjye Polisi Denis mu 1980, dufitanye abana 6. Nakiriye Agakiza taliki ya 30 Mata 2006.



Incamake

Nizeye ntashidikanya kandi mbishimira Imana iteka ko uzagerwaho n'ubu butumwa wese akabwagirana umwete kandi akabwitondera ko Ijuru rizaba rimufungukiye. Za mfunguzo eshatu zifungura Ijuru ari zo AGAKIZA, AMARASO YA YESU, IMIRIMO, azaba amaze kuzisingira. Ba maso usenge ubutitsa kandi ugendane ubwenge, hatagira ugutwara ikamba ryawe. "GUKINA BIRARANGIYE", ni ko Uwiteka akomeza kutubwira.

AMEN



GUkina BIRARANGIYE

*Iyo baba abanyabwenge, baba bitaye
kw'iherezho ryabo (2 Gutegeka 32 : 29)*



Nyakamwe Christine